# Imvaho Nshya
*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-12 | TARIKI 06 - 12 Gicurasi 2025 RPC | P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw



AMAKURU
U Rwanda na RDC byatanze ibyifuzwa mu masezerano y'amahoro

2

AMAKURU
Kwakira abimukira ba USA ntaho bihuriye n'amasezerano y'u Rwanda na RDC

5

MU NTARA
Ikiraro cyo mu kirere gihuza Gakenke na Nyabihu cyatangiye gutakaza imbaho

12

SIPORO
APR FC yatsinze Amagaju FC isubira ku mwanya wa mbere

19


Kwibuka
kwibuka twiyubaka
31

# U Rwanda rwijeje Papa Leo XIV ubufatanye mu kwimakaza amahoro



**Minisitiri w'Intebe Dr Ngirente Edouard yijejeje Papa Leo wa 14 ubufatanye mu kwimakaza amahoro**

**KAMALIZA Agnes**

***Guverinoma y'u Rwanda yifatanyije n'Abakirisitu ba Kiliziya Gatolika muri Misa yo gushimira Imana yabahaye Umushumba mushya wa Kiliziya Papa Leo XIV, imwifuriza ihirwe mu mirimo mishya ndetse imwizeza ubufatanye mu gushyira mu bikorwa ubutumwa bw'amahoro yasabye Isi.***

Ibyo byagarutsweho kuri iki Cyumweru, tariki ya 11 Gicurasi 2025, ubwo Minisitiri w'Intebe, Dr. Edouard Ngirente yifatanyaga n'abakirisitu muri iyo Misa yabereye muri Paruwase ya Regina Pacis i Kigali.

Minisitiri Dr. Ngirente yavuze ko Guverinoma y'u Rwanda yakiranye ibyishimo itorwa rya Papa Leo XIV, kandi ko u Rwanda rwishimira intambwe nziza imaze kugerwaho mu kunoza umubano warwo na Kiliziya Gatolika.

KOMEZA KU RUP.3

## Madamu Jeannette Kagame yashimiwe kubaka Umuryango Nyarwanda

**NTAWITONDA Jean Claude**

Ku munsi w'ababyeyi b'abagore, Madamu Jeannette Kagame yashimiwe ukwiyemeza kudacogora ashyira mu kugenera impamba imiryango, guteza imbere Umuryango nyarwanda, by'umwihariko aharanira iterambere ry'abagore n'abakobwa binyuze muri gahunda zitandukanye.

KOMEZA KU RUP.3



**Umusaruro w'inganda wazamutseho 5% muri Werurwe 2025**

INKURU KU URUP.2



**2023/2024: Dipolomasi yinjirije u Rwanda miliyoni zisaga 580 Frw**

INKURU KU URUP.4

# U Rwanda na RDC byatanze ibyifuzwa mu masezerano y'amahoro

NTAWITONDA Jean Claude

***Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA), zatangaje ko zishimiye kwakira ibyifuzo bya Guverinoma y'u Rwanda n'ibya Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) ku birebana n'ibigomba kuba bigize amasezerano y'amahoro yitezwe gusinywa hagati y'ibyo bihugu.***

Ni indi ntambwe itewe ije ikurikira isinywa ry'amasezerano y'ibanze y'amahame yasinyiwe i New York muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 25 Mata 2025, agamije kugarura amahoro arambye n'umwuka mwiza hagati y'u Rwanda na RDC.

Umujyanama Mukuru wa Perezida wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ushinzwe Afurika Massad Boulos, yavuze ko yakiriye neza inyandiko z'agateganyo zigaragaza ibyifuzo by'ibihugu byombi ku masezerano y'amahoro.

Yagize ati: "Nakiriye neza inyandiko y'agateganyo ku bisabwa mu guharanira amahoro iturutse mu Rwanda no muri RDC. Iyi ni intambwe y'ingenzi mu kubahiriza ibyemejwe hasinywa amasezerano y'ibanze y'amahame, kandi nizeye ukwiyemeza kw'impande zombi mu guharanira kugera ku mahoro."

Mu mpera z'icyumweru gishize, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier, yaciye amarenga ko ari kumwe na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa RDC Madamu Thérèse Kayikwamba Wagner bahuriye na Massad Boulos mu birori byo kurahira kwa Perezida wa Gabon Brice Clotaire Oligui Nguema.

Yavuze ko kugeza ubu nta mbanzirizamushinga y'amahoro iri mu biganiro nk'uko byavuzwe na bimwe mu bitangazamakuru, iyi ntambwe itewe yo gutanga inyandiko z'agateganyo z'ibikenewe mu masezerano ikaba iganisha kuri iyo mbanzirizamushinga.

Minisitiri Amb Nduhungirehe yahamije ko impamvu ibiganiro bitaratangira ku mbanzirizamushinga y'amahoro ari uko 'ibitekerezo by'impande zombi zitarahuzwa neza.'

Guverinoma y'u Rwanda n'iya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo bikomeje kugaragaza ubushake ntagereranywa mu gushakira hamwe igisubizo kirambye cy'impamvu shingiro z'umwuka mubi n'umutekano muke wabaye akarande mu Burasirazuba bwa RDC ukagira ingaruka zikomeye no bihugu by'abaturanyi.

Kugeza uyu munsi muri RDC habarurwamo imitwe yitwaje intwaro irenga 130 irimo n'ifite inkomoko mu bihugu by'abaturanyi, nk'umutwe w'iterabwoba wa FDLR washinzwe n'abasize bahekuye u Rwanda muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.


Mu myaka 31 ishize, FDLR iracyateje impungenge z'umutekano ku Rwanda, cyane ko kuva yashingwa idahwema kugaba ibitero by'ubushotoranyi byambukiranya imipaka.

Guverinoma y'u Rwanda ihamya ko guhera mu mwaka wa 2018, uwo mutwe w'iterabwoba wagabye ibitero bisaga 20 ku butaka bw'u Rwanda, birimo n'ibisasu byatewe i Rubavu mu mpera za Mutarama 2025 bigahitana abantu 16 abandi basaga 160 bagakomereka.

Ni muri urwo rwego u Rwanda ruvuga ko kugeza n'uyu munsi hakiri impungenge z'umutekano muke ushobora guturuka muri RDC, cyane ko umutwe wa FDLR ucyidegembya kandi ufite imbaraga ukomora mu gukorana n'ingabo z'icyo gihugu mu mugambi wo kugaba ibitero ku Rwanda.



**Amerika ishima intambwe yo gusinya amasezerano hagati y'u Rwanda na RDC.**



**Umusaruro w'inganda wazamutseho 5.0% muri Werurwe 2025, ugereranyije n'ukwezi kwa Werurwe k'umwaka ushize wa 2024**

# Umusaruro w'inganda wazamutseho 5% muri Werurwe 2025

KAMALIZA Agnes

***Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) cyagaragaje ko umusaruro w'inganda wazamutseho 5.0% muri Werurwe 2025, ugereranyije n'ukwezi kwa Werurwe k'umwaka ushize wa 2024.***

Ibyo byagarutsweho muri raporo ngarukakwezi y'umusaruro w'inganda, IIP (Index of Industrial Production) yasohotse ku wa 5 Gicurasi 2025, igaragaza ko umwaka wose wa 2024 umusaruro w'inganda wazamutseho 9.4%.

Muri Werurwe uyu mwaka umusaruro ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri wiyongereyeho 4,1%, uw'ibitunganyirizwa mu nganda wiyongereyeho 1,7%, amashanyarazi yiyongeraho 23.2%, mu gihe amazi n'isukura wiyongereho 1,4%.

Mu musaruro wose hamwe wa 1,7% ku byatunganyirijwe mu nganda; izamuka rya 7,8% ryashingiye ku bikorwa byo gutunganya no kongera agaciro k'ibiribwa, uwa 19,3% uturuka bikoresho byo mu nzu n'ibindi bikorwa.

Nubwo hari ibyazamutse ariko umusaruro w'ibikomoka ku mpu n'imyambaro wagabanyutseho 11,2%, mu gihe umusaruro w'ibikomoka ku biti birimo impapuro n'ibindi bikorerwa mu icapiro na wo wagabanyutseho 8.2%.

Raporo ya NISR yasohotse muri Mutarama 2025, igaragaza ko mu Ugushyingo 2024, umusaruro rusange w'inganda mu Rwanda wazamutseho 14,7% ugereranyije n'Ugushyingo 2023.

Imibare igaragaza ko umusaruro ukomoka mu nganda wikubye gatatu kuva mu 2017, uva kuri miliyari 591 z'amafaranga y'u Rwanda ugera kuri miliyari 1.680 z'amafaranga y'u Rwanda, ahanini bigizwemo uruhare no kongerera agaciro ibintu bitandukanye.

Ni mu gihe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023/2024, inganda zinjirije igihugu imisoro irenga gato miliyari 495 z'amafaranga y'u Rwanda.





# U Rwanda rwijeje Papa Leo XIV ubufatanye mu kwimakaza amahoro

IBIKURIKIRA URUP.1

Yagarutse ku butumwa bwa mbere Papa Leo XIV yatanze akimara gutorwa bwo kwimakaza amahoro, avuga ko akwiye kwimakazwa kandi akaba umurage kuko ari yo atuma itembere riramba.

Yagize ati: "Ni ikimeneyetso cyiza cy'ibyo atwifuriza twese. Natwe dukwiye guharanira ayo mahoro. Mureke amahoro aganze mu miryango yacu aho turi hose duharanire kubana mu mahoro ibi bizatuma tubana neza kandi binadufashe iterambere ryacu rigere kure. Nta terambere rishoboka mu gihe abaturage badatekanye."

Minisitiri Dr. Ngirente yagaragaje ko ubwo butumwa bushyigikiwe ndetse aha abakorisitu umukoro wo kuzimufashamo.

Yagaragaje ko u Rwanda rwari rusanzwe rufitanye umubano mwiza na



**U Rwanda rwasabye Papa Leo XIV gukomeza umubano mwiza u Rwanda rufitanye na Kiliziya Gatolika**

Kiliziya Gatolika ushingiye ku mibirereho myiza, ubukungu n'iterambere ry'abaturage kandi bikwiye ko ukomeza.

Yongeye kwitsa ku bufatanye bwiza bwaranze u Rwanda na nyakwigendera Papa Francis, aboneraho gusaba Papa Leo XIV gutera ikirenge mu cye.

Yagize ati: "Turizera ko Papa Leo azakomereza aho Papa Francis yari agejeje kandi natwe tumwijeje gukomeza gukorana neza na Kiliziya Gatolika nkuko bisanzwe."

Leta y' u Rwanda yagaragaje ko itewe ishema no kuba bwa mbere mu mateka y'u Rwanda itorwa rya Papa ryitabiriwe n'Umunyarwanda, ishimira Nyiricyubahiro Antoine Karidinali Kambanda kubw'icyo gikorwa.

Papa Leo XIV mu butumwa yatanze mu ijambo rya mbere agitorwa ku wa 08 Gicurasi 2025, nubwo yatanze mu Misa ya mbere yosomeye abakirisitu kuri iki Cyumweru, yasabye Isi guhagarika intambara ikimakaza amahoro.

Ubutumwa bw'mahoro yabutanze mu gihe Isi ikomeje kugarizwa n'intamabara.

Umugabane wa Afurika by'umwihariko Akarere u Rwanda ruherereyemo, na ko kari mu twugarijwe aho mu Burasirazuba bwa Repubulika ya Demokarasi ya Congo imirwano ikomeje hagati y'umutwe wa AFC/M23 n'ingabo za Leta zifatanyije n'indi mitwe nubwo hari ibiganiro by'amahoro byatangiye.

Papa Leo XIV mu Misa yavuze ko atifuza ko habaho intambara ya gatatu y'Isi bityo ko ibihugu nka Ukraine n'u Burusiya, Isiraheli na Palestine n'ibindi bihanganye mu ntambara byayihagarika.

Yagize ati: "Intambara ntizongere, ibyo kurwana intambara ya gatatu y'Isi birangire. Ndahamagarira ibihugu ku Isi nsubiramo ngo intambara ntizongera."

Yavuze ko umutima we washeguwe n'ubuzima bw'abantu bibasiwe n'intambara n'uburyo yabagizeho ingaruka ubwo ari bwo bwose.

Ubutumwa bwa Papa bwakiranywe akanyamuneza kuva ku nshuro ya mbere abutanga aho yashimangiye ko Isi ikeneye urukundo no kubana mu mahoro.

# Madamu Jeannette Kagame yashimiwe kubaka Umuryango Nyarwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Ambasaderi w'u Rwanda muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA), Argentina na Mexico Madamu Mathilde Mukantabana, ni umwe mu bamwifurije umunsi mwiza w'ababyeyi b'abagore wizihizwa ku wa 11 Gicurasi buri mwaka.

Mu butumwa yamugeneye kuri iki Cyumweru, yagize ati: "Kuri uyu munsi w'ababyeyi b'abagore, duhaye icyubahiro kandi twishimira ukwiyemeza kutadohoka ushyira mu kugaburira imiryango, guteza imbere abagore



**Madamu Jeannette Kagame yishimana n'abana mu minsi mikuru isoza umwaka wa 2024**

no kuzamura Umuryango nyarwanda."

Yakomeje agira ati: "Imbaraga zawe, urukundo n'imbabazi bikomeje guhindura ubuzima bw'abatabarika mu Rwanda no hanze yarwo. Nkwifurije Umunsi w'ababyeyi b'abagore w'umunezero b'icyubahiro ndetse n'ibyishimo bivuye ku mutima."

Ni kenshi Madamu Jeannette Kagame adahwema kugaragaza agaciro k'ababyeyi b'abagore mu kubaka umuryango no guhindura Isi muri rusange, kuko uretse no gutanga ubuzima uruhare rwabo mu iterambere aho bahabwa amahirwe ni ntagereranywa.

Avuga ko umugore ari isoko y'umunezero n'ubuzima ku bantu aha agaciro kurusha abandi.

Madamu Jeannette Kagame ni umubyeyi akaba n'umuvugizi w'abatishoboye mu nzego zitandukanye mu Rwanda.

Mu myaka amaze ari mu mwanya w'Umufasha w'Umukuru w'Igihugu, Madamu Jeannette Kagame yashoye imbaraga nyinshi mu kubaka ubushobozi bw'abana by'umwihariko ab'abakobwa mu burezi, kubaka indangagaciro zikomeye z'umuryango no guharanira uburinganire n'agaciro umugore wese akeneye mu muryango nyarwanda.

# 2023/2024: Dipolomasi yinjirije u Rwanda miliyoni zisaga 580 Frw

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Olivier Jean Patrick Nduhungirehe yatangaje ko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2023/2024 u Rwanda rwinjije miliyoni 587 z'amafaranga y'u Rwanda, akomotse ku ngendo shuri z'Abanyamahanga bagiriye mu Rwanda n'imishinga y'ikoranabuhanga rushora mu mahanga.***

Yabibwiye Abasenateri mu kiganiro bagiranye ku wa Kabiri tariki ya 6 Gicurasi 2025, cyagarukaga ku bikorwa mu guteza imbere ubutwererane hagati y'u Rwanda n'ibihugu biri mu nzira y'amajyambere.

Yagaragaje ko imibare y'Urwego rumenyekanisha udushya n'ibisubizo rwishatsemo byifashishwa mu guteza imbere ibindi bihugu, Rwanda Cooperation Initiative (RCI), igaragaza ko kuva mu 2018, Igihugu cyakiriye abashyitsi 7 662 baturutse mu bihugu 70.

Minisitiri Nduhungirehe yagaragaje ko binyuze muri RCI u Rwanda rukataje mu gushaka inyungu z'ubukungu bushingiye kuri dipolomasi by'umwihariko mu bihugu biri mu nzira y'iterambere.

Yagize ati: "Hari imishinga y'ikoranabuhanga yoherejwe mu bihugu nka Tchad ndetse na Kenya, Guinea ndetse na Kenya, n'indi itatu irimo itegurwa, tugomba kohereza muri Lesotho, Eswatini ndetse na Tchad.

Yakomeje ati: "Mu mwaka ushize w'ingengo y'imari wa 2023/2024, RCI yinjirije u Rwanda, miliyoni 587 Frw, binyuze muri izo ngendoshuri no kohereza imishinga ku rwego mpuzamahanga."

Minisitiri Amb Nduhungirehe yakomeje avuga ko ubutwererane butuma u Rwanda ruba igicumbi cy'imiyoborere, ikoranabuhanga, kuba twaraciye ikoreshwa rya pulasitiki n'ibindi.

Umuyobozi Mukuru wa RCI, Uwase Patricie yavuze ko nyuma y'aho uru rwego rushyizweho mu 2018, rwashyize imbaraga mu kugaragaza ibisubizo u Rwanda rwishatsemo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Mu bihugu 70, byaje kudUsaba umubano, 45 ni ibyo muri Afurika y'Iburasirazuba. Mu mishinga y'ikoranabuhanga tugenda dukorana n'ibindi bihugu bitandukanye, ikintu cya mbere twibandaho iyo turimo kuganira n'ibi bihugu ni ukubabwira ko ibisubizo by'ibibazo biri iwacu."

Yavuze ko abo bashyitsi iyo baje bagaragarizwa amahitamo y'u Rwanda kugira ngo bamenye icyatumye rugera ku iterambere.

Yavuze ko nyuma y'aho mu Rwanda hatangijwe urwego rwa RCI, ibihugu byihutiye kuza kurusaba ko ibyaruteje imbere byatangizwa iwabo.

Yagize ati: "Nka Tchad twakoranye neza kuva icyo gihe, mu mishinga y'ikoranabuhanga, baje bifuza kumenya neza impamvu dukora neza mu gufata neza inkunga duhabwa."

Yahishuye ko u Rwanda rwafashije Tchad gutangiza ikoranabuhanga mu igenamigambi no gucunga imari, ibijyanye no kwishyura imisoro binyuze mu ikoranabuhanga (e Tax) no gukoresha fagitire ya EBM nk'uko n'u Rwanda rubifite kandi bikomeje gutanga umusaruro.



Minisitiri w'Ububanyi n'amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier



Guverinoma y'u Rwanda n'iya Singapore basinyanye amasezerano y'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rya 'Carbone'

# U Rwanda na Singapore basinyanye amasezerano y'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rya Carbone

**KAYITARE Jean Paul**

***Guverinoma y'u Rwanda n'iya Singapore basinyanye amasezerano y'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rya 'Carbone' hagamijwe kurengera ibidukikije. Amasezerano yasinywe ku wa Kabiri tariki ya 06 Gicurasi 2025.***

Minisitiri w'Ibidukikije, Dr. Valentine Uwamariya yari ahagarariye Guverinoma y'u Rwanda muri aya masezerano mu gihe Singapore yari ihagarariwe na Minisitiri ushinzwe iterambere rirambye n'ibidukikije, Grace FU Hai Yien.

Isoko rya 'Carbon', rigena uburyo bwo gucuruzanya umwuka uhumekwa n'ibiti biterwa, amashyamba n'ibindi bishobora gukurura umwuka wa Carbon (Carbon dioxide).

Iri soko ni uburyo bwashyizweho mu masezerano y'i Paris ku kurengera ibidukikije, aho ibihugu bifite ibikorwa bigamije kugabanya imyuka ihumanya ikirere, bizajya bicuruza umwuka uhumekwa ku bihugu byateye imbere, bifite inganda zohereza mu kirere imyuka myinshi ihumanya.

Ambasaderi w'u Rwanda muri Singapore, Jean de Dieu Uwihanganye, yitabiriye umuhango wo gusinya amasezerano y'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rya 'Carbon'.

Singapore ni igihugu u Rwanda rufatiraho urugero rw'iterambere, kuko ari kimwe mu bihugu ku Isi bifite iterambere ryihuta kandi byamaze kubaka ubukungu buteye imbere ku kigero gishimishije.

Umubano w'u Rwanda na Singapore mu bya dipolomasi watangijwe tariki ya 18 Werurwe 2005, ukaba waratanze umusaruro ugaragarira mu masezerano y'ubutwererane mu bucuruzi n'izindi nzego kugeza uyu munsi.

Ibihugu byombi byakuriyeho viza abaturage babyo ndetse bidatinze, mu mwaka wa 2008 u Rwanda rufungura Ambasade yarwo muri Singapore.

Muri Kamena 2024, u Rwanda na Singapore byatangaje ubufatanye mu mushinga wo gutunganya inyandiko ikubiyemo amabwiriza agenga imikoreshereze y'ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (AI).





# Kwakira abimukira ba USA ntaho bihuriye n'amasezerano y'u Rwanda na RDC

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, yagaragaje ko u Rwanda rukomeje ibiganiro na Leta Zunze Ubumwe z'Amerika (USA) byo kwakira abimukira, gusa avuga ko ntaho bihuriye n'amasezerano y'amahoro arimo gutegurwa hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Yashimangiye kandi ko kuba u Rwanda ruri muri ibyo biganiro ntaho bihuriye n'uko RDC yemereye USA amabuye y'agaciro kugira ngo iyifashe kugarura amahoro mu Burasirazuba bwayo.

Yabigarutseho mu kiganiro yagiranye na Televiyo France 24 ku mugoroba wo ku wa Mbere tariki ya 5 Gicurasi 2025.

Yahishuye ko ubwo tariki ya 25 Mata 2025, i Washington DC muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, u Rwanda rwasinyanaga na RDC amasezerano y'iby'ibanze mu kugarura amahoro n'umutekano Burasirazuba bwa RDC, ari ubwo abahagariye u Rwanda baganiraga na USA ku bijyanye no kwakira abimukira n'izindi ngingo zitandukanye.

Yagize ati: "Ntabwo bihuye rwose, ni ibiganiro bishingiye ku mubano w'ibihugu byombi, nyuma yo gusinya amasezerano y'amahame y'ibanze y'amahoro, abahagarariye u Rwanda bagumye muri Washington DC, kugira ngo bagirane ibyo biganiro byihariye hagati y'u Rwanda na USA.

Ni ibibazo byose bishingiye ku mubano w'ibihugu byombi, bijyanye n'umutekano, ibya politiki, ibijyanye n'ubukungu, n'urwego rw'ubuzima, dusangiye na USA, ni ibibazo by'ibihugu byombi."



Amb Olivier Nduhungirehe yasobanuye ko kwakira abimukira ntaho bihuriye n'amasezerano y'amahoro arimo gutegurwa hagati y'u Rwanda na RDC

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda rwizeye ko amahoro n'umutekano bizagerwaho muri RDC, kuko nta nzitizi ziri mu masezerano u Rwanda ruteganya gusinyana na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Yerekanye ko Guverinoma y'u Rwanda n'iya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo zamaze gushyikiriza Leta Zunze Ubumwe za Amerika umushinga w'amasezerano y'amahoro ku wa Mbere tariki ya 5 Gicurasi 2025.

Yavuze iyo mishinga yari yabanje gusuzumwa n'inzobere mu by'umutekano n'amahoro.

Amb. Nduhungirehe yavuze ko mu cyumweru cya 3 cya Gicurasi Abaminisitiri b'Ububanyi n'amahanga b'u Rwanda na RDC bazahurira i Washington DC bagasuzuma bwa nyuma ibikubiye muri iyo mishinga.

Yagize ati: "Abaminisitiri b'Ububanyi n'Amahanga bazongera guhurira muri Washington DC ngo basuzume bwa nyuma ibikubiye muri iyi mishinga, bikaba biteganyijwe ko izasinywa n'Abakuru b'Ibihugu mu kwezi gutaha."

Amb Nduhungirehe yavuze ko u Rwanda rwifuza kubana neza na RDC kandi ko ari na yo mpamvu bari mu mishyikirano.

Ati: "Birumvikana ni cyo cyifuzo, kuba mu mishyikirano twizeye ko n'amasezerano azabaho, biturutse ku Bakuru b'Ibihugu."

Amb. Nduhungirehe yabajijwe uko u Rwanda rufata amasezerano ya Luanda muri Angola, byari biteganyijwe ko Abakuru b'Ibihugu byombi bari guhurira ariko ntibyakunda mu gihe na Doha muri Qatar ho Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame n'uwa RDC Felix Tshisekedi Tshilombo, bahuye.

Ati: "Perezida Kagame ntabwo yagiye i Luanda kuko nta bwo hari habaye amasezerano yasinywe, hari inzitizi zijyanye na M23, Guverinoma ya RDC yari yanze kuganira n'uwo mutwe. Ubu ngubu, muri Doha byatangiye hari ibiganiro hagati Guverinoma ya RDC na M23, hari kandi n'ibindi bigamije kubaka umubano hagati y'u Rwanda na RDC, ibi byose bitanga icyizere cy'amahoro arambye mu Karere".

Yavuze ko icyizere cy'uko amahoro arambye ashoboka mu Karere ari uko yaba Igihugu cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, Qatar, Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (EAC) n'Ubukungu bw'Afurika y'Amajyepfo (SADC) byose bibishyigikiye.

Amb. Nduhugirehe yavuze ko nubwo ubu ibiganiro bigamije amahoro birimo kugirwamo uruhare cyane na USA na Qatar ariko n'ukuboko kw'Afurika kurimo.

Ati: "Ibi biganiro birimo Afurika, kuko bishyigikiwe na EAC na SADC, Perezida wa Tongo Faure Gnassimbe washyizweho n'Umuryango w'Afurika Yunze Ubumwe (AU), yatangiye akazi ke, mwarabibonye ko mu cyumweru gishize i Doha habaye inama kandi yitabiriwe n'abahagarariye Togo.

Twizera ko ubwo bufatanye bw'ibihugu n'imiryango, na bo kandi bazatumirwa mu biro by'Umukuru w'Igihugu muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, turi mu nzira zo kugera ku mahoro arambye mu Burasirazuba bwa RDC kuko hari ubushake bwa politiki ku mpande zombi."

Yakomeje asobanura ko ibiganiro bya EAC, SADC, ibya Doha na Washington DC byuzuzanya kandi ibibazo byose bihari bizaganirwaho by'umwihariko icy'umutekano muke uterwa n'umutwe wa FDLR, ugizwe na bamwe mu bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ukaba unahungabanya umutekano w'u Rwanda.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yashimye ko M23 na RDC bakomeje ibiganiro i Doha muri Qatar kandi ko bigaragaza intambwe ifatika Abanyekongo ubwabo bateye yo kuganira ku bibazo byabo cyane ko ari byo u Rwanda rwakomeje rusaba.



Minisitiri Amb. Nduhungirehe yavuze ko Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Rwanda ishyize imbere dipolomasi

# Abasaga 7660 bo mu bihugu 70 batsuye umubano n'u Rwanda kuva mu 2018

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane (MINAFFET), yatangaje ko kuva mu mwaka wa 2018 u Rwanda rumaze kwakira abashyitsi 7 662 baje gutsura umubano na rwo mu bya Dipolomasi, baturutse mu bihugu 70.***

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Nduhungirehe Jean Patrick Olivier, yabibwiye Abasenateri ku wa Kabiri tariki ya 6 Gicurasi 2025.

Ashimangira ko kuba harashyizweho y'Urwego rumenyekanisha udushya n'ibisubizo rwishatsemo byifashishwa mu guteza imbere ibindi bihugu) Rwanda Cooperation Initiative/RCI) byagize umumaro ufatika mu bijyanye n'umubano mu bya Dipolomasi.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yavuze ko Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'u Rwanda ishyize imbere dipolomasi ishingiye ku bukungu, aho irimo gufungura amasoko mashya hagati y'u Rwanda n'ibindi bihugu by'umwihariko ibiri mu nzira y'iterambere.

Amb. Nduhungirehe yavuze ko RCI igamije gusangira ubumenyi no gushakira ibisubizo ibibazo byugarije Abanyarwanda.

Ni ikigo kandi gikora ubufatanye mu bihugu bitandukanye by'umwihariko ibiri mu nzira y'amajyambere n'ibindi.

Yagize ati: "Kuva muri 2018, RCI yasinye amasezerano n'ibihugu bitandukanye 16, kuva icyo gihe yakiriye abashyitsi 7662 baturutse mu bihugu bitandukanye 70."

Yavuze ko abaturutse mu bihugu byo burengerazuba bw'Afurika bangana na 260, abaturutse mu bihugu by'Afurika y'Iburasirazuba 238, abaturutse mu bihugu by'Afurika y'Amajyepfo 61, ndetse n'abaturutse mu bihugu by'Afurika yo hagati 55.

Amb Nduhungirehe yakomeje avuga ko u Rwanda rukataje mu gushora imari mu mishinga itandukanye by'umwihariko iy'ikoranabuhanga kugira ngo rukomeza kungukira muri politiki y'ubutwererane bw'ibihugu hibandwa ku biri mu nzira y'amajyambere.

MINAFFET itangaza kandi ko kugeza ubu u Rwanda rufite za Ambasade 49 mu bihugu bitandukanye byo ku Isi, aho ½ cyazo ari izo mu bihugu biri mu nzira y'amajyambere.

# Ingengo y'imari ya 2025/2026 iziyongeraho miliyari 1 216,1Frw igere kuri miliyari 7 032,5 Frw

**NYIRANEZA Judith**

***Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi, Yusuf Murangwa, yagaragaje ko ingengo y'imari y'umwaka wa 2025/2026 iteganyijwe gukoreshwa iziyongeraho miliyari 1.216,1 Frw ikagera kuri miliyari 7.032,5 Frw.***

Ingengo y'imari y'umwaka wa 2024/2025 yari miliyari 5.816,4 Frw.

Yabigarutseho kuri uyu wa Kane tariki ya 8 Gicurasi, ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi imbanzirizamushinga y'itegeko rigena ingengo y'imari izifashishwa mu mwaka wa 2025/2026.

Yavuze ko amafaranga akomoka imbere mu gihugu azagera kuri miliyari 4.105,2 Frw, inkunga z'amahanga ziteganyijwe kugeza kuri miliyari 585,2 Frw, inguzanyo z'amahanga zikazagera kuri miliyari 2.151,9 Frw.

Minisitiri Murangwa yagize ati: "Ingengo y'imari iteganyijwe ko iziyongeraho miliyari 1.216,1 Frw ugereranyije n'iyakoreshejwe mu 2024/2025. Iri zamuka rizaterwa ahanini no kwihutisha imirimo yo kubaka Ikibuga mpuzamahanga cy'indege gishya mu Bugesera, kwagura ibikorwa bya RwandAir n'amabwiriza mashya ajyanye n'ubwiteganyirize bw'abakozi."

Yasobanuye ko ari mu rwego rwo gushyira mu bikorwa Gahunda ya 2 yo Kwihutisha Iterambere (NST2).



Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi Yusuf Murangwa yagaragaje imiterere y'ingengo y'imari ya 2025-2026

Minisitiri Murangwa yakomeje asobanura ko biteganyijwe ko amafaranga azakoreshwa mu ngengo y'imari isanzwe azagera kuri miliyari 4 298,4 Frw naho azakoreshwa mu mishinga y'iterambere no mu ishoramari rya Leta azagera kuri miliyari 2.637,5 Frw.

Ikindi yagarutseho ni uko Ubukungu bw'u Rwanda buzaba buhagaze.

Ati: "Ubukungu bw'u Rwanda muri uyu mwaka byitezwe ko bu buzamuka ku kigero cya 7,1%; mu 2026 bukazazamuka kuri 7,5%; mu 2027 buzazamuka kuri 7,4% naho mu 2028 buzazamuka kuri 7% ."

Kugira ngo bigerweho, bisaba ko hari ibizongerwamo imbaraga nko mu rwego rw'ubuhinzi hakazamurwa umusaruro by'umwihariko ibikomoka ku buhinzi byoherezwa mu mahanga, kongera umusaruro w'ibikomoka ku matungo, kuzamura urwego rw'ibikorerwa mu nganda, serivisi z'ubuvuzi zikajyana n'igihe hatangwa ubuvuzi mu buryo bugezweho hubakwa ibitaro, abaganga bongerwa ubumenyi, ibikoresho bigezweho n'ibindi.

Minisitiri Murangwa yavuze kandi ko hazakomeza kubakwa imihanda minini ya kaburimbo yo ku rwego rw'igihugu, hari izavugururwa, izagurwa, n'izongererwa uburebure.

Hazanakomeza ibikorwa byo kugeza ku baturage amazi meza n'amashanyarazi mu mijyi kimwe no mu cyaro.

Gahunda zifasha abatishoboye bahabwa imirimo ndetse n'inkunga y'ingoboka zizakomeza kugira ngo Abanyarwanda bagire imibereho myiza.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## *Isi iranyuzwe yabonye Papa mushya*

*Urupfu rwa Papa Francis rwashenguye benshi by'umwihariko abayoboke ba Kiliziya Gatolika ku Isi, cyane ko yafatwaga nk'Umushumba wa Kiliziya wagaragaje umwihariko mu miyoborere ye.*

*Nyuma yo kumusezeraho bwa nyuma, Abakaridinali barateranye maze mu matora atari yoroshye bemeza Umunyamerika Cardinal Robert Francis Prevost nk'Umushumba Mukuru wa Kiliziya Gatolika ku Isi, ku izina rya Papa Leo wa 14.*

*Inkuru y'itorwa rye yarakiwye cyane abenshi bishimira ko Kiliziya ibonye umushumba mushya ari na we Mukuru w'Igihugu cya Vatican.*

*Inshingano za Papa ntizirangirira ku gushyiraho Abakaridinali cyangwa Abasenyeri n'Abapadiri gusa, ahubwo umumaro we ugera no mu mibereho n'imibanire y'abatuye Isi muri rusange.*

*Ni we ufite ubushobozi bwo kwita abantu Abatagatifu, ni we uyobora inama mpuzamahanga z'abihayimana zikemura ibibazo byugarije Kiliziya, akaba ari na we ufite ububasha bwo kugena umurongo Kiliziya igenderaho cyane ko afatwa nk'udakora amakosa.*

*Abayoboke ba Kiliziya Gatolika kandi bizera ko ahagarariye Yezu Kirisito ku Isi, akaba ari we muyobozi udashidikanywaho wa Kiliziya, aho n'ibyemezo afata biba biyobowe n'Imana.*

*Mu gihe abatuye Isi bishimiye ko Intumwa ya Yezu yabonetse hagati muri bo, birakwiye ko n'inyigisho ze zumvwa kugira ngo inshingano afite ku Isi azisohoze uko bikwiye.*

*Muri misa ya mbere yasomye ku Cyumweru tariki ya 11 Gicurasi, Papa Leo wa 14 yavuze ko intambara ku Isi zikwiye kurangira, bivuze ko agaciro afitiye abatuye Isi gakwiye kuvunjwamo kubaha ubutumwa bw'uwamuhamagaye bwuje urukundo, ubugwaneza n'amahoro.*

*Ni ubutumwa yahereyeho mu gihe Isi yugarijwe n'intambara n'umwiryane ushingiye ku nyungu za Poliki, aho amahanga ashyamiranyijwe no kutumvikana ku ngingo zakabaye zibahuza.*

*Muri izo ntmbara harimo iy'u Burusiya na Ukraine imaze imyaka irenga 10, iya Isiraheli na Palestina iri kumara imyaka ikabakaba ibiri, ndetse n'iya Pakistani n'u Buhinde irimo gututumba.*

*Mu Karere k'Ibiyaga Bigari na ho hamaze imyaka myinshi havugwa ibibazo by'umutekano muke bishingiye ku miyoborere mibi yimakaza urwango n'amacakubiri.*

*Kwimakaza urukundo n'amahoro bisabwa na Papa Leo wa 14 nta mkindi bisaba uretse kuzirikana ko abatuye Isi bose ari abavandimwe, ndetse n'ibihuza abantu biruta ibibatandukanya, cyane ko inkomoko y'inyoko muntu yose ku Isi ari imwe.*

*Abemera Imana, harimo n'Abagatolika, bizera ko abantu bose bafite sekuruza umwe ari we Adamu. Bivuze ko ubushyamirane bw'ibihugu ari ubw'abavandimwe kandi n'ingaruka zabwo zikomeza kwibasira inyoko muntu yose ku Isi.*

*Kumvikanisha ingaruka z'abashyamirana kuri ubu ntibyagorana kuko ni bake batiboneye cyangwa ngo bumve ingaruka z'intambara ya Ukraine n'u Burusiya ku bukungu bw'ibihugu.*

*Umunezero wavuye itorwa rya Papa ukwiye kuba umusemburo wo gukumira ibidutandukanya rukimakaza ibiduhuza.*

# Kujugunya Abatutsi mu migezi byari bimeze nk'ibisanzwe – Visi Meya Urujeni

**KAYITARE Jean Paul**

***Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali burakomeza abuzuye ikiniga kandi ko ikibi cyatsinzwe burundu. Bugaragaza ko kujugunya Abatutsi mu migezi n'inzuzi byari ibintu bisanzwe kuri Leta zabanjirije iy'Ubumwe bw'Abanyarwanda.***

Byagarutsweho n'Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali wungirije ushinzwe imibereho myiza, Martine Urujeni, ku wa Gatandatu tariki 10 Gicurasi 2025, mu gikorwa cyo kwibuka Abatutsi bishwe bakajugunywa muri Nyabarongo, Muhazi, inzuzi no mu yindi migezi.

Ni igikorwa cyabereye mu Murenge wa Masaka mu Kagari ka Rusheshe mu Karere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali, witabirwa n'abafite imiryango yajugunywe muri Nyabarongo, intumwa za Rubanda, inzego z'umutekano ndetse n'umuhanzi Yohani Mariya.

Urujeni, Umuyobozi wungirije w'Umujyi wa Kigali yagize ati: "Uyu mugezi w'Akagera ndetse n'indi hirya no hino nka Kibirira, Ibiyaga, Muhazi, inzuzi n'ibindi bibumbatiye amateka yuzuye agahinda, ubwoba, amarira, kwiheba kw'ababiroshywemo.

Kujugunya Abatutsi mu migezi byari bimeze nk'ibisanzwe muri Leta zabanjirije Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda."

Yagaragaje ko abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, bavuga ko yatewe n'ihanurwa ry'indege ya Habyarimana, baba bigiza nkana.

Ati: "Bagoreka amateka babizi neza kandi babishaka kandi bagamije kuzongera kugaburira iyi migezi n'Akagera."

Blaise Ndizihiwe, wari uhagarariye Umuryango Ibuka mu bikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 31 Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Masaka, na we ashimangira ko amazi bizwi ko atanga ubuzima, ari yo yakoreshejwe mu kwambura abantu ubuzima.

Ibuka yahumurije ababyeyi ko batazongera kwica, kuvugirizwa induru ku musozi cyangwa ngo bongere kuvumburwa mu bihuru.

Ndizihizwe asobanura ko Umuryango Humura ufatanyije na Ambasade y'u Rwanda muri Uganda bakora igikorwa ngarukamwaka cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, aho abishe Abatutsi babanyujije muri Nyabarongo kugira ngo babohereze basubire Abisiniya aho baturutse.

Agira ati: "Uyu mugezi nkuko ugenda ukisuka mu kiyaga cya Victoria, hari ahubatswe inzibutso za Jenoside mu Turere twa Migi ahashyinguye abasaga 4 000, mu Karere ka Masaka ahashyinguye imibiri isaga 3 000.

Imibiri ishyinguye mu nzibutso za Jenoside ziri muri Uganda, ni 10 983 babashije kubonwa bashyingurwa mu cyubahiro mu gihugu cy'abaturanyi cya Uganda."

Ibuka itangaza ubukana Jenoside yakorewe Abatutsi yakoranywe, byari mu mugambi wo kurimbura Abatutsi.

Jean Claude Rugero, Umuhuzabikorwa w'umuryango 'Dukundane Family' asobanura ko bibuka abishwe bajugunywe mu mazi mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi.

Avuga ko bibukirwa ku ruzi rw'Akagera ndetse no mu masangano y'Akagera na Nyabarongo.

Ashima ubuyobozi bw'igihugu binyuze mu Turere kuko ngo ibafasha kwibuka Abatutsi bishwe bakajugunywa mu migezi, inzuzi, ibidendezi n'ibiyaga.

Yavuze ko bishimira ko mu Murenge wa Masaka mu Kagari ka Rusheshe hashyizwe ikimenyetso, ahibukirwa abishwe bakajugunywa muri Nyabarongo.

Akomeza agira ati: "Iyo twibukira ku mazi, tuzirikana inzirakarengane zambuwe ubuzima n'amazi, ubusanzwe tuzi ko amazi atanga ubuzima ariko yifashishijwe mu gutanga urupfu."

Uyu muryango uvuga ko ibi ari uburyo bwo kwereka Isi ubukana Jenoside yakoranywe kuko yateguranywe ubuhanga bukabije.

Ashimangira byatumye n'abayiteguye bifashisha n'intwaro zitandukanye zirimo no kwicisha Abatutsi amazi.

Ku nkombe z'umugezi wa Nyabarongo, mu Kagari ka Rusheshe mu Murenge wa Masaka, hubatswe ikimenyetso cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, icyo kimenyetso kikaba cyanditseho amazina 100 y'abazize Jenoside.



Mu Kagari ka Rusheshe mu Murenge wa Masaka hari ikimenyetso cy'urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi bakajugunywa mu mugezi wa Nyabarongo

# Muri Nyakanga 2025 hazatangira gukoreshwa ibiciro bishya by'ubuvuzi-MINISANTE



**Minisitiri w'Ubuzima yavuze ko hazatangira gukoreshwa ibiciro bishya by'ubuvuzi muri Nyakanga 2025**

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Sabin Nsanzimana yatangaje ko guhera ku itariki ya 1 Nyakanga 2025, mu Rwanda hazatangira gukoreshwa ibiciro bishya by'ubuvuzi.***

Yashimangiye ko ibyo biciro bishya bizatangira gushyirwa mu bikorwa mu bigo nderabuzima byose, bijyanye n'intangiriro z'umwaka w'ingengo y'imari wa 2025/2026.

Uwo muyobozi yabwiye The New Times ko ibyo biciro bishya bizajya bitandukana bitewe n'ubwoko bw'ikigo cy'ubuvuzi, kuva ku bigo bito by'ubuvuzi kugeza ku bitaro bikuru byigisha bya kaminuza, ariko ntiyatangaje ibisobanuro birambuye.

Christian Ntakirutimana, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Abatanga Serivisi z'Ubuvuzi bigenga mu Rwanda (RPMFA), yagaragaje ko hakenewe isesengura ryimbitse kandi riziguye ku bijyanye n'ibiciro bishya bya serivisi z'ubuvuzi, kugira ngo zibe zishingiye ku byahindutse mu rwego rw'ubuvuzi ndetse n'ibiciro bijyanye na byo.

Yavuze ko kuba bataramenyeshwa ku mugaragaro igihe ibiciro byavuguruwe bitangira gukurikizwa, bikomeje kugora abafatanyabikorwa gutegura gahunda zabo neza.

Ntakirutimana yagaragaje ko ibiciro biriho ubu bimaze imyaka umunani zikoreshwa, nubwo hashize igihe havugwa amakuru yo kubivugurura, ariko bitarashyirwa mu bikorwa.

Yibukije ko ari ngombwa cyane ko ibiciro bishya bizatangazwa vuba, aburira ko gukomeza gutinda kubitangaza bikomeje guteza igihombo gikomeye mu bigo by'ubuvuzi byigenga.

Christian Ntakirutimana yavuze ko kubera ibiciro bishaje bidahura n'izamuka ry'ibiciro by'ibikoresho by'ubuvuzi, imiti, ndetse n'imishahara y'abakozi, ibigo byigenga byinshi byari bisigaye bicungira ku nguzanyo za banki, ubu bikaba biri mu madeni akomeye.

Yagize ati: "Kudatangaza ku gihe ibiciro bishya bituma ibigo by'ubuvuzi byigenga bikorera mu gihombo," agaragaza ko ibyo bigo bigomba kwishyura ubukode bw'inyubako, imishahara y'abakozi, ndetse no kugura ibikoresho nta nkunga ya Leta bihabwa, bitandukanye n'ibigo bya Leta.

Ntakirutimana yasabye ko hashyirwaho uburyo buhamye bwo gusuzuma no kuvugurura ibiciro buri gihe, kugira ngo bijye bihuza n'ukuri k'ubukungu, bityo bifashe abatanga serivisi z'ubuvuzi byigenga ibibazo by'ubukungu.

Mu gusubiza ibyo bibazo, Dr. Sabin Nsanzimana yavuze ko "ibiciro bizajya byongerwa gusuzumwa buri myaka ibiri," nk'impinduka igamije kugabanya ibibazo ibigo by'ubuvuzi byigenga bikomeje guhura na byo.

Ku bijyanye n'izamuka ry'ibiciro bijyanye no gutanga serivisi z'ubuvuzi, imibare itangwa n'Ihuriro ry'abatanga serivisi z'ubuvuzi bigenga mu Rwanda (RPMFA) igaragaza ko, urugero, umushahara w'umuganga w'inzobere wo ku rwego rwo hejuru wari ku rwego rwa miliyoni 1.5 z'amafaranga y'u Rwanda mu mwaka wa 2017, ariko wageze kuri miliyoni 3 mu mwaka wa 2023, ni ukuvuga ko wiyongereye inshuro ebyiri.

Umushahara w'umuforomo wemewe n'amategeko na wo wiyongereyeho 40%, uva ku bihumbi 250 ugera ku bihumbi 350 by'amafaranga y'u Rwanda. Igikoresho 1 cya 'minicap hemoglobin' cyari gifite igiciro cya 189 600 Frw mu 2017, ariko mu 2023 cyageze kuri 600 000 Frw, bivuze ko cyikubye inshuro zirenga ebyiri.

Minicap hemoglobin ni igikoresho kigenewe gupima hemoglobin, poroteyine iboneka mu maraso atukura, ifite inshingano yo gutwara umwuka mwiza wa oxygen uva mu bihaha ujya mu turemangingo tw'umubiri.

Ibindi bikoresho by'ubuvuzi byazamutseho ibiciro birimo na Minividas Immuno Analyser (ikora byikora ku buryo bwuzuye), ikoreshwa mu gusuzuma uturemangingo tw'ubwirinzi (antibodies) n'uturemangingo twandura (antigens) mu maraso. Iki gikoresho cyari gifite igiciro cya miliyoni 11 Frw mu 2017, ariko mu 2023 cyazamutse kikagera kuri miliyoni 14.5 Frw.

Ku wa 17 Mutarama, Inama y'Abaminisitiri yemeje ivugururwa ry'ibiciro by'ubuvuzi ari na ryo rya mbere ribaye kuva mu 2017.

Minisiteri y'Ubuzima yatangaje ko ibiciro byari bisanzwe bidahuye n'amafaranga asabwa mu gutanga serivisi z'ubuvuzi, bitewe n'ishoramari rya Leta mu bikoresho bigezweho by'ubuvuzi, inyubako nshya za kijyambere, ndetse n'izamuka ry'ibiciro by'imiti n'ibindi bikoresho byifashishwa mu buvuzi.

Mu bigo bya Leta, ibiciro byari hejuru kuri serivisi nk'iz'isuzuma ry'imiterere y'umubiri (medical imaging) n'izo mu rwego rwa radiyoloji byagabanyijwe bijyanye n'ivugururwa ry'ibiciro.

Urugero, Minisiteri y'Ubuzima yagaragaje ko igiciro cyo gusuzuma ubwonko hifashishijwe CT scan ku barwayi bari mu bwisungane mu kwivuza cyavuye ku 45 000 Frw kigera ku 16 283 Frw. Abanyamuryango b'ubwisungane mu kwivuza basigaye batanga 10% by'iki giciro, ni ukuvuga 1 628 Frw, ugereranyije na 4 500 Frw bishyurwaga mbere.

Mituweli igumye kuba ubwisungane bukoreshwa cyane mu Rwanda, aho ababukoresha bari kuri 93% by'abafite ubwishingizi mu gihugu, bingana n'abarenga miliyoni 10.6 mu baturage barenga miliyoni 13, nk'uko bigaragazwa n'Ibarura rusange rya karindwi ku mibereho y'ingo (EICV 7) ryakozwe n'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR).





# Iki gitabo ni icy'agaciro Minisitiri Irere avuga ku gitabo cyanditswe na Daniel Le Scornet

**KAYITARE Jean Paul**

***Claudette Irere, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC) atangaza ko igitabo 'A la Jeunesse du Rwanda et de la Terre comprendre le mécanisme génocidaire' cyanditswe n'umwanditsi Daniel Le Scornet gifitiye agaciro abarimu.***

Yabigarutseho ku mugoroba wo ku wa Gatanu tariki 09 Gicurasi 2025 ku Kacyiru ku Isomero rya Kigali (Kigali Public Library), ubwo Umufaransa, Daniel, ufite ubwenegihugu bw'u Rwanda yamurikaga igitabo kigaruka ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi.

Irere yavuze ko nka Minisiteri y'Uburezi ifite inshingano zo kwigisha abana, atari ugutanga ubumenyi ariko no kwigisha abanyarwanda kugira inshingano zo kubabarira, umuco no kubaha ubusugire bw'umuntu.

Yagize ati: "Iki gitabo ni icy'agaciro kuko abarimu bagiye kujya bagikoresha umunsi ku munsi kugira ngo bashobore gusobanura amateka y'umwijima abanyarwanda babayemo. Benshi mu bana bacu bashobora kutizera ibyo tubabwira kuri aya mateka nkuko bayabona mu byanditswe."

Akomeza agira ati: "Tuzashyira iki gitabo mu biganiro byacu bigamije kwigisha kandi bizatuma urubyiruko rurushaho kumva neza ububi bw'ingengabitekerezo ya Jenoside yakorewe Abatutsi."

Uyu mwanditsi, Daniel le Scornet, wananditse ibitabo bitandukanye birimo 'A la Jeunesse du Rwanda et de la terre comprendre le mécanisme génocidaire' n'icyo yise "Si Kigali était contée".

Asobanura ko yiyemeje gutanga umusanzu wo kwandika kandi ko hashize imyaka myinshi yandika kuri Jenoside kugira ngo ubwo bumenyi bushobore kugera ku rubyiruko.



**Umwanditsi w'ibitabo Daniel Le Scornet wamuritse igitabo 'A la Jeunesse du Rwanda et de la terre comprendre le mécanisme Génocidaire'**

Yabwiye Imvaho Nshya ko urubyiruko rw'ikiragano cy'ubu rushobora kwifashisha inyandiko nk'izi ndetse n'iz'abandi rugaragaza ukuri kw'amateka kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Urubyiruko rw'u Rwanda ntirwahamya gusa ibyo rubwirwa n'ababyeyi babo ahubwo rwaba n'abafatanyabikorwa b'abatekereza b'Isi."

Padiri Egide Nsabema, Umuyobozi wa Collège Saint André i Nyamirambo, avuga amateka ya Jenoside mu burezi bw'u Rwanda, REB yashyizemo icyo gice cy'amateka ya Jenoside mu bigomba kwigishwa abanyeshuri kugira ngo bige, bamenye Jenoside icyo ari cyo, uko yateguwe ariko bagamije kumenya amateka.

Ati: "Ni ukugira ngo nabo bamenye amateka kuko ari bo Rwanda rw'ejo hanyuma babonereho kugira ubumenyi n'imbaraga zo kuyirinda ndetse no kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside."

Avuga ko asoma igitabo cya Daniel Le Scornet yakibonyemo nk'ikiganiro cyane cyane urubyiruko n'abakuru ko bagira ubumenyi.

Ati: "N'iyo ugisomye usanga gifungura ikintu nabonyemo kimeze nk'amizero uko dushobora kuganira n'abatoya, uko bashobora kumenya ibijyanye na Jenoside nuko bashobora gutegura ejo habo hazaza kuko ni bo mizero y'igihugu cyacu.

Muri iki gitabo harimo ubumenyi dushobora kwifashisha kunganira izindi mfashanyigisho dufite, n'ubumenyi dusanzwe dufite kuri iyo ngingo, kizaduha kuzuza neza inshingano zacu nk'abarezi."

Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze, REB, ruvuga ko iyo rubonye umwanditsi ugerageje kwandika, atanga umucyo, agaragaza uko byagenze, icyo gihe nka REB ibyakirana yombi.

Dr. Nelson Mbarushimana, Umuyobozi Mukuru wa REB, yagize ati: "Iyo tubonye umuntu wandika uko byagenze icyo gihe tubyakirana yombi noneho tugakorera hamwe kugira ngo ibyo yanditse bibashe kugera ku banyarwanda bose cyane cyane abanyeshuri, abarimu ndetse n'abayobozi b'ibigo by'amashuri.

Iki gitabo cya Daniel Le Scornet kije kije kunganira ibindi byamuritswe bivuga kuri Jenoside yakorewe Abatutsi cyane cyane yuko kigaragariza urubyiruko ibyabaye ku Rwanda, bakabikumira, bakabyirinda."

Umwe mu banyeshuri biga muri Collège Saint André, wiga mu mwaka wa Gatanu, yabwiye Imvaho Nshya ko kumenya amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi bibafasha kurushaho gusobanukirwa n'ibyabaye bityo bakabyirinda.

Yagize ati: "Iki gitabo cyanditswe na Daniel cyamfashije kurushaho kumenya ibyabaye mu Rwanda kandi ababyeyi bacu bakagira uruhare mu kubitubwira. Urubyiruko ni ahacu ho gusoma ibitabo bivuga ku mateka nyakuri ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Carole Chiaradia, umwarimukazi muri Ecole Française de Kigali, avuga ko muri iri shuri nta gahunda bagira yo kwigisha amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi uretse amateka muri rusange n'ubuvanganzo.

Icyakoze ahamya ko igitabo 'A la Jeunesse du Rwanda et de la terre comprendre le mécanisme génocidaire' gifite ireme ku barezi no ku babyeyi.

Dr Alphonse Sebaganwa, Umuyobozi Mukuru w'Ishami rishinzwe Ibizamini n'Isuzumabumenyi mu Kigo cy'Igihugu gishinzwe Uburezi (REB), mu buhamya bwe yavuze ko umwana ubwo yari afite imyaka atangiye amashuri y'inshuke mu 1996, yahuye n'abagororwa bari mu mpuzangano akamubaza abo bantu abo ari bo.

Sebaganwa yavuze ko yamubwiye ko ari abantu bakoze Jenoside muri make ngo ni abantu bishe abandi bagamije kubamaraho.

Yagize ati: "Yarambajije ati kubera iki abantu bishe abandi, sinashoboye kubimusobanurira."

Ashimangira ko nyuma yo gusoma igitabo cya Daniel yahise yumva uburyo yasobanuriramo abana uko abantu bishe abandi muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Amb Joseph Nsengimana umwe mu bitabiriye imurikwa ry'igitabo cya Daniel Le Scornet, yavuze ko igitabo cye atari katigisimu ahubwo ko ababyeyi ndetse n'urubyiruko bagomba kugisoma.

Daniel le Scornet ukomoka mu Bufaransa akaba aherutse kwiyemeza gutura mu Rwanda hamwe n'umugore we Christine le Scornet, yasohoye igitabo yanditse, kigaruka ku mateka y'Umujyi wa Kigali.

Daniel le Scornet yahinduye izina yitwa Rugamba mu gihe umugore we Christine yafashe irya Gasaro. Umufasha we yiyemeje kuzahindura igitabo 'A la Jeunesse du Rwanda et de la terre comprendre le mécanisme genocidaire' mu kinyarwanda.




**Igitabo cyanditswe na Daniel Le Scornet gifite agaciro gakomeye**



Ambasaderi Festus Bizimana yashyikirije Perezida wa Senegal, Bassirou Diomaye Diakhar Faye, impapuro zimwemerera guhagarariryo u Rwanda

# Amb. Bizimana yashyikirije Perezida wa Senegal impampuro zo guhagararira u Rwanda

**KAMALIZA Agnes**

***Ambasaderi Festus Bizimana yashyikirije Perezida wa Senegal, Bassirou Diomaye Diakhar Faye, impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda muri icyo Gihugu.***

Amb Festus yamushyikirije izo mpapuro mu muhango wabereye mu Ngoro ya Perezida, mu Murwa Mukuru Dakar, ejo hashize ku wa Kane tariki ya 8 Gicurasi 2025.

Nyuma yo gutanga izo mpapuro, Amb Bizimana yagejeje kuri Perezida Diomaye Faye, ubutumwa bwa Perezida Paul Kagame, bushimangira ubushake n'umuhate w'u Rwanda mu kongerera imbaraga umubano mwiza mu bya Dipolomasi hagati y'ibihugu byombi.

Yagaragaje ko ubufatanye bugenda bwiyongera hagati y'ibihugu byombi mu nzego zinyuranye, ashimangira cyane cyane kuzamura umubano w'ubukungu binyuze mu kongera ubucuruzi, ishoramari, n'ubufatanye mu bucuruzi, by'umwihariko ku rwego rw' Isoko Rusange rya Afurika, (AfCFTA).

Perezida Faye mu butumwa bwe, yahaye ikaze Amb Festus amwifuriza guhirwa mu nshingano ze, amwizeza ubufatanye bw'inzego za Leta za Repubulika ya Sénégal, anatanga intashyo kuri mugenzi we w'u Rwanda Perezida Paul Kagame.

Yashimye umubano mwiza uri hagati y'ibihugu byombi n'ubufatanye mu nzego zinyuranye, amusaba kureba amahirwe ari mu bucuruzi, ubukungu n'ishoramari mu rwego rwo gushimangira ubutwererane hagati y'ibihugu byombi.

Ambasaderi Festus Bizimana akaba asimbuye Ambasaderi Jean Pierre Karabaranga wari uyu mwanya kuva mu Ukuboza 2020.

Ibihugu byombi bisanzwe bifitanye umubano mwiza aho byagiye bisinyana amasezerano y'ubufatanye mu by'umuco yasinywe mu 1975, ay'ubutwererane rusange yo mu 2004, ndetse mu 2016, hashyizweho Komisiyo Ihoraho ishinzwe kugenzura uwo mubano.

# Ibigo n'inzego bya Leta byavuye kuri 92% bigera kuri 94% mu gucunga neza umutungo

**NYIRANEZA Judith**

***Mu bugenzuzi bwakozwe n'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta, bwagaragaje ko ibigo n'inzego bya Leta byabonye amanota meza mu micungire y'umutungo wa Leta umwaka wa 2023 byari ku gipimo cya 92% naho umwaka ushize cyageze kuri 94%.***



Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta Alexis

Ibyo byagaragajwe n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta, Alexis Kamuhire, ubwo yagezaga ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi, raporo y'Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta y'umwaka w'ingengo y'imari warangiye ku wa 30 Kamena 2024, igaragaza imicungire n'imikoreshereze by'umutungo w'Igihugu mu bigo bitandukanye.

Yagize ati: Kuba inzego zingana na 94% zarabonye ntamakemwa mu bijyanye no kwandika ibitabo by'ibaruramari, 75% mu kubahiriza amategeko n'amabwiriza, naho 65% ku ihame ryo gukoresha umutungo wa Leta,birerekana intambvwe nziza irimo guterwa mu gucunga imari n'umutungo bya Leta".

Yakomeje avuga ko nubwo hatewe intambwe ishimishije ariko hari n'inzego zahawe ibyakwitonderwa.

Ati: "Nubwo haterwa intambwe, hari inzego 29 zahawe byakwitonderwa ni igika kijyamo raporo ariko kikerekana ko hari ingingo zo kwitabwaho nubwo ibitabo by'ibaruramari biba ari ntamakemwa".

Yagaragaje kandi ko inama Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta bwatanze umusaruro.

Ati: "Inama twatanze umwaka ushize, 60% zashyizwe mu bikorwa ku buryo bwuzuye, 15% zishyirwa mu bikorwa ku buryo bw'igice, 25% ntizashyirwa mu bikorwa. Igipimo cy'izashyizwe mu bikorwa umwaka ushize mu buryo bwuzuye cyari kuri 59%.

Uyu mwaka amafaranga yakoreshejwe mu buryo bunyuranyije agera kuri miliyari 2, umwaka ushize yari miliyari 2,5. Uyu mwaka kandi ubugenzuzi bukumira bwagarararagaje ko miliyoni 913 yashyizwe mu masezerano y'imirimo bitari ngombwa."

Ayagarujwe umwaka ushize ubugenzuzi bukumira bwagaragaje ko miliyari 1Frws, uyu mwaka ubugenzuzi bukumira bwagaragaje ko miliyari 3,3 ugarujwe n'inzego. Muri rusange ayagombaga kugaruzwa yari miliyari 3,4.

# U Rwanda rugiye kwakira inama ngarukamwaka y'Ihuriro ry'imari y'abagore

**KAYITARE Jean Paul**

***Kuva tariki 28 kugeza 30 Gicurasi 2025, u Rwanda ruzakira inama ngarukamwaka y'Ihuriro ry'imari y'abagore 'Financial Alliance for Women' izabera muri Kigali Convention Center.***

Ni inama ya mbere izaba yibanda ku bushobozi bw'umugore mu bijyanye n'ubukungu.

Buri mwaka, iri huriro rihuriza hamwe abakora mu nzego z'imari ndetse n'abafata ibyemezo mu rwego rwo kuganira ku kongerera ubushobozi abagore.

Inama ngarukamwaka iteganyijwe muri uyu mwaka wa 2025, izakirwa na Banki Nkuru y'u Rwanda ifatanyije na Access to Finance Rwanda (AFR).

Ubushakashatsi bwa 'FinScope 2024 ku buringanire mu kugerwaho na serivisi z'Imari bwagaragaje ko mu Rwanda abagore bagera kuri 96% bagerwaho na serivisi z'imari, bavuye kuri 92% mu mwaka wa 2020.

Ni ubushakashatsi bwakozwe na Access to Finance Rwanda (AFR) ifatanyije na Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN), Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF), Banki Nkuru y'Igihugu (BNR) n'izindi nzego.

Raporo ikubiyemo ubu bushakashatsi yashyizwe hanze muri Werurwe 2025, yerekanye ko ikinyuranyo cyo kubona serivisi z'imari z'ibigo byanditse harimo banki n'ibigo by'imari hagati y'abagore n'abagabo cyagabanyutse, aho cyavuye kuri 7% mu 2020 kigera kuri 4% mu 2025.

Byagaragaye ko abagore 17% ari bo bafite konti muri za banki, mu gihe abagabo ari 27%, bikaba mu bituma abagore bamwe batabasha kugerwaho na serivisi z'imari.

Nubwo bimeze uko ubu bushakashatsi bwerekanye ko abagore bakoresha serivisi z'imari binyuze kuri telefone, ibizwi nka Mobile Money, bavuye kuri 55% mu 2020 bagera kuri 73% mu 2024.





# Abakozi ba NESA bibutse abazize Jenoside mu Bisesero, banaremera abayirokotse

**UWIZEYIMANA AIMABLE**

***Abayobozi n'abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA), basuye Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Bisesero mu Karere ka Karongi, batanga ubutumwa bwo kwihanganisha imiryango ifite ababo baharuhukiye, banaremera abarokotse Jenoside.***




Ubuyobozi n'abakozi ba NESA basuye urwibutso rwa Jenoside rwa Bisesero banaremera abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr. Bahati Bernard, avuga ko buri mwaka iyo bigeze mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, NESA yiyemeje gusura rumwe mu nzibutso za Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Mu myaka ine NESA imaze ibayeho, usibye ibikorwa byo kwibuka, twe ubuyobozi n'abakozi twitabira, iyo bigeze mu gihe cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko nk'abakozi ba NESA tugira umwihariko, aho dusura urwibutso rumwe, tukarushaho gusobanukirwa amateka yaho kuko aba agiye afite umwihariko bitewe n'aho urwibutso ruri ndetse tukaremera abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Ubwo basobanurirwaga amateka y'abazize Jenoside bashyinguye mu rwibutso rwa Jenoside rwa Bisesero, beretswe bimwe mu bikoresho bifashishaga bahanganye n'ibitero by'abazaga kubica.

Avuga ko iyo bagiye gusura inzibutso baba bagiye kunamira inzirakarengane z'Abatutsi zihashyinguye, ariko kandi akaba abifata nk'urugendoshuri baba bakoze rwo gusobanukirwa neza amateka ya Jenoside n'ubugome ndengakamere yakoranywe.

Dr. Bahati Bernard uyobora NESA, yagize ati: "Badusobanuriye amateka akomeye y'ubutwari bwaranze Abasesero bagerageje kwirwanaho bahangana n'ibitero by'abazaga kubica baturutse hirya no hino mu Makomini icyenda arimo n'abaturukaga muri Bugarama i Rusizi."

Yongeyeho ko Inkotanyi zahagaritse Jenoside na Perezida Paul Kagame wayoboye urugamba rwo guhagarika Jenoside bakoze.

Ati: "Ibyo twumvise ubwo twasuraga urwibutso rwa Bisesero bitandukanye n'ibyo twumvise ku zindi Nzibutso twagiye dusura, tuhavanye isomo n'umukoro wuko ubutwari bw'Abasesero butubera urugero rwiza rwo gufata icyemezo ko ibyabaye bitazongera, tugomba guharanira ko mu burezi ariho dukora haba ubumwe nta macakubiri abana tukabafasha kumenya amateka mabi Igihugu cyacu cyanyuzemo kugira ngo tubafashe kubaka igihugu kizira amacakubiri."

Umuyobozi Mukuru wa NESA, Dr Bahati ashima ingabo zahoze ari iza RPF Inkotanyi zahagaritse Jenoside, ndetse Leta y'Ubumwe yateje imbere uburezi kuri bose nta kuvangura, nk'uko kera byahoze mu burezi.

Yasabye bagenzi be bakorana mu burezi kuba intangarugero mu kazi kabo, birinda ivangura n'ihezwa, baharanira ko ibyabaye bitazasubira ukundi.

Yizeza ko NESA izakomeza muri uwo murongo wa Guverinoma wo guca akarengane n'iheza iryo ari ryo ryose.

Ubuyobozi n'abakozi ba NESA bishatsemo ubushobozi baremera abantu babiri barokotse Jenoside babashyikiriza inka, babaha ibiribwa n'izindi mpano zitandukanye, mu rwego rwo kubafata mu mugongo no kubafasha gukomeza kwiyubaka.

Haremewe Mutiganda Charles wo mu Kagari ka Bisesero, Umudugudu wa Wingabo na Sekaziga Fabien wo mu Kagari ka Gasata, Umudugudu wa Rugete, bahawe inka, ibiribwa n'impano zitandukanye.

Umunyamabanga Nshigwabikorwa w'Umurenge wa Rwankuba wubatsemo urwibutso rwa Bisesero, Mudacumura Aphrodis wanarokokeye mu Bisesero, mu izina ry'ubuyobozi bw'Umurenge ndetse n'Akarere, yashimiye ikigo cya NESA uburyo bateguye kunamira abazize Jenoside no kuremera abayirokotse, bitandukanye n'ibyakozwe n'abitwaga ko bari bashinzwe kubarinda mu gihe cya Jenoside baje bakaba ari bo babica.

Yagize ati: "Ubuyobozi bwa NESA n'abakozi bayo turabashimira kuza kwibuka no kunamira abazize Jenoside bashyinguye hano mu rwibutso rwa Bisesero, ndetse n'iki gikorwa mwakoze cyo kuremera imiryango mukayiha inka. Ubundi Abasesero mbere ya Jenoside bari batunzwe n'ubworozi bw'inka bakanywa amata bagahinga bakeza. "

Yashimiye NESA yongeye gutuma igicaniro cyaka, kuko ubuzima bw'iyo miryango yaremewe buzahinduka neza.

Ati: "Iyi miryango muhaye inka yari ibayeho nabi ariko ubu turizera ko ubuzima bugiye kuba bwiza abana bakabona amata banywa, ubuzima bwabo bukaba bwiza kandi n'iterambere ryayo rigiye kuzamuka kuko babonye inka zibaha ifumbire bazajya bafumbiza imyaka bakeza."

Mudacumura ashima kandi ko kuri ubu nta vangura n'ihezwa rigaragara mu burezi.

Ati "Ibyo ni ibigaragaza imiyoborere myiza Igihugu cyacu kigezeho ndetse n'intera igezweho mu kubaka Igihugu cyacu.

Igikorwa mwakoze mwumve ko ari icy'agaciro gakomeye, Imana itibagirwa izabibahembera. Rero nubwo twababajwe bikomeye, duterwa imbaraga no kubabona gutya mwaje kudushyigikira. [……] kubabona byonyine bitwereka ko Igihugu kidushyigikiye, tukibagirwa igihe baduhigaga, tukajya kwihisha hariya mu rufunzo."

Gasimba Narcisse uhagarariye umuryango IBUKA mu Murenge wa Rwankuba, yagarutse ku buhamya bwe aho ku bw'amahirwe yabaye umwe mu bantu babarirwa muri batanu baharokokeye.

Yashimiye ubuyobozi n'abakozi ba NESA baje kubasura no kubafata mu mugongo muri iki gihe barimo kitoroshye cyo kwibuka imiryango yabo yishwe muri Jenosideyakorewe Abatutsi mu 1994.

Imiryango ibiri y'abarokotse jenoside itishoboye yaremewe n'abayobozi n'abakozi ba NESA, ihabwa inka, ibyo kurya n'izindi mpano, iyo miryango ni uwa Mutiganda Charles wo mu Kagari ka Bisesero, Umudugudu wa Wingabo na Sekaziga Fabien wo mu Kagari ka Gasata, Umudugudu wa Rugete.

Mutiganda Charles ati: "Uburwayi nari maranye iminsi no kutagira inka kandi ubuzima bwacu Abasesero buba bushingiye ku korora inka, nari naraheze mu nzu, abana bari bafite ubuzima bubi kubera kubura amata banywa, ariko ubu twizeye kuzahuka."

Mutiganda na Sekaziga bavuga ko inka baremewe na NESA zigiye kubahindurira ubuzima bakava mu bukene bwari bwarabaheranye n'inzu yendaga kugwa. Bati " Ubu turishimye."

Uhagarariye IBUKA mu Murenge wa Rwankuba, avuga ko iyi miryango yaremewe bayitoranyije kuko yari mu bakeneye guhabwa inka byihutirwaga, kuko ubuzima bw'Abasesero kuva na mbere ya Jenoside bwari bushingiye ku bworozi bw'inka, NESA ikaba yari yasabye akarere abantu babiri baremera.

Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Bisesero rushyinguyemo inzirakarengane zigera ku bihumbi 50.

# Muhanga: Babangamiwe no kutagira amazi meza bigatuma banywa ibirohwa

**KWIZERA Jean de Dieu**

***Abaturage batuye mu Murenge wa Nyamabuye, Akagari ka Remera, Umudugudu wa Nete, barasaba amazi meza kuko ayo banywa ari ay'isoko abamo imyanda by'umwihariko mu gihe cy'imvura bikaba bibabangamiye.***

Abo baturage babwiye Imvaho Nshya ko baterwa impungenge n'amazi banywa kubera uburyo aba asa.

Uwitwa Pierre Niyoyita yagize ati: "Dore amazi tuvoma uko asa na we urayabona. Ni mabi cyane, turasaba ko hano batuzanira amazi meza kuko kunywa aya bitatugwa neza."

Undi yagize ati: "Turasaba ko muri Nete batwohererereza amazi kuko nayo bahaye abantu mu ngo zabo ntabwo aza. Iki kibazo cy'amazi twarakigaragaje ariko turategereza turaheba."

Umwe mu bahavoma, bagaragaje ko ayo mazi atari meza ariko ko nta yandi mahitamo bafite.

Ati: "Aya mazi ni mabi, ubu abakire bafite amazi mu ngo zabo na bo bamara icyumweru batayabona. Ugasanga rero ni ikibazo, witegereje aya mazi ni mabi, noneho iyo bigeze mu gihe cy'imvura aba mabi kurenzaho. Twagirwa n'uwaduha amazi hano."

Abo baturage bavuga ko bavoma ibyo biziba kubera kubura uko bagira gusa bakanagaragaza ko ikibazo cy'amazi bakigaragaje inshuro nyinshi uko bakoze inama.

Umuyobozi w'Agateganyo w'Ishami rishinzwe Itangazamakuru n'Itumanaho muri WASAC Group akaba n'Umuvugizi wayo Bimenyimana Robert, yabwiye Imvaho Nshya ko ikibazo cy'amazi make muri Muhanga by'umwihariko muri Nete bakizi ndetse ko hari gushakwa umuti urambye binyuze mu ruganda rwa Kagaga rugiye gutangira kubakwa binyuze muri byiciro 2 ('Phase I n'iya II').

Yagize ati: "Ibijyanye no gushaka uzashyira mu bikorwa uriya mushinga bigeze kure ku buryo mu minsi ya vuba duteganya ko ashobora kuba yabonetse, nibura nko muri Kamena 2025, uruganda ruzaba rwatangiye kubakwa kandi bizakorwa vuba ku buryo mu mpera z'Umwaka wa 2026 abaturage bazaba batangiye kubona amazi uruganda rwarangiye."

Yakomeje agira ati: "Ni uruganda ruzaba rufite ubushobozi bwo gutanga metero kibe 12 000 ku munsi rukazibanda cyane mu Karere ka Muhanga kuko niho hari ikibazo kinini."

Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga Kayitare Jacqueline, yatangaje ko ikibazo cy'amazi mu Mujyi bakizi kandi bari kugira icyo bagikoraho.

Yagize ati: "Ikibazo cy'amazi mu Mujyi wa Muhanga kirahari kandi inzego zose zifite amazi, isuku n'isukura mu nshingano dufatanyije na WASAC kirimo gushakirwa umuti ariko kirashingira ku bwinshi bw'abatuye Umujyi wa Muhanga bitajyanye n'Ubushobozi bw'uruganda rw'amazi dufite."

Yakomeje agira ati: "Igishoboka rero ni ukuyasaranganya ariko umuti urambye ni uko hari urundi ruganda rugiye kubakwa kugira ngo ikibazo gishakirwe umuti urambye mu buryo burambye kandi ruzatangira kubakwa muri Nyakanga."

Akarere ka Muhanga kari kuri 86% by'amazi meza.



Bavoma amazi mabi, bifuza ko bahabwa amazi asukuye



Ikiraro cyo mu kirere ku Bukeri imbaho zo hasi zigenda zisaza zikagwa mu mugezi

# Ikiraro cyo mu kirere gihuza Gakenke na Nyabihu cyatangiye gutakaza imbaho

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo mu Karere ka Gakenke na Nyabihu bakoresha ikiraro cyo mu kirere; cya Bukeri barifuza ko cyasanwa kuko cyasaje ku buryo hari imbaho zigikoze zigenda zihanuka.***

Icyo kiraro gihuza Umurenge wa Mugunga muri Gakenke na Shyira yo muri Nyabihu, bavuga ko batewe impungenge n'uko kigenda gisasa hakaba ngo hari bamwe muri bagenzi babo bagwaho kubera imbaho zigenda zivaho, umugenzi amaguru ye agateberamo, bifuza ko cyasanwa.

Bamwe mu bavuganye na Imvaho Nshya, bavuze ko kubera ko imbaho zigenda zivaho hari ubwo ngo bajya kwambuka hakaba ubwo amaguru yabo atebeyemo, bakavuga ko hatagize igikorwa, abantu bapfiramo.

Uwingabire Jeannine wo mu Murenge wa Mugunga mu Karere ka Gakenke yagize ati: "Iki kiraro kidufatiye runini kuko ni ho twambukira tujya muri Nyabihu mu isoko rya Vunga ndetse no kujya kwivuza ku bitaro bya Shyira, cyatangiye gutobagurika kuko imbaho zo hasi zigenda zivaho, mu kwambuka amaguru akagenda ateberamo bakagwa bagasigara banagana hejuru y'ikiraro, twifuza ko cyasanwa."

Hakolimana Alphonse wo mu Murenge wa Shyira muri Nyabihu avuga ko kiriya kiraro kititaweho mu minsi mike isuri nayo yakongera ikagitwara.

Yagize ati: "Iki kiraro cyo mu kirere usanga ari kimwe mu gifasha abaturage bo muri Nyabihu na Gakenke mu iterambere, abanyeshuri bo muri Gakenke baza kwigira ino kandi hari imyaka yo muri Gakenke itaboneka iwacu ni ho tujya kuyigura, muri rusange cyoroheje ubuhahirane kandi gifite uruhare mu iterambere ryacu."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gakenke buvuga ko bugiye kureba ko iki kibazo cyabonerwa umuti.

Yagize ati: "Muri Kamena 2023 iki kiraro cyari cyarasanwe ndetse hongerwamo ibindi bikoresho, ku bufatanye bw'uturere twa Nyabihu na Gakenke, ubwo rero cyatangiye kugaragaza utubazo two gusaza turongera twicare hamwe (Nyabihu na Gakenke) n'umufatanyabikorwa Bridge to Prosperty (B2P) gisanwe mu minsi iri imbere."

Ikiraro kinyura hejuru y'umugezi wa Mukungwa kikaba gifite metero zisaga 100, kugeza ubu bimwe mu byuma n'imbaho zikigize bigenda bisaza bikanagana hejuru; ibindi bikagwa mu mazi, ibi rero bituma umuturage yiyemeza gutaha ku manywa kugira ngo amaguru ye ataza guteberamo.





# Rusizi: Hafashwe abahishe amakuru ku mubiri w'uwazize Jenoside ukamara imyaka 5 mu Biro by'Akagari

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Kuri sitasiyo ya RIB ya Bugarama mu Karere ka Rusizi hafungiye Ntakobazangira Théogène, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Mpinga mu Murenge wa Gikundamvura, Akarere ka Rusizi, ukekwaho kuba yarabitse mu biro by'Akagari ka Kizura yayoboraga, imyaka 5 umubiri w'uwazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***




Nyuma y'aho hamenyekaniye amakuru y'umubiri umaze imyaka 5 mu biro by'Akagari ka Kizura, Umurenge wa Gikundamvura, warahashyizwe n'uwari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'ako Kagari Ntakobazangira Théogène, kuri ubu wayoboraga Akagari ka Mpinga, inzego zibishinzwe zarabikurikiranye.

Ku wa 5 Gicurasi 2025, ni bwo hatumijwe ku Biro by'Umurenge wa Gikundamvura Gitifu Ntakobazangira Thégène, uwamusimbuye Banyangiriki Alphonse, Nizeyimana Félix na se Gatana Gérard, n'abo bari kumwe ku irondo ubwo nyakwigendera yicwaga kuko interahamwe zamwishe zose zahunze ntizagaruka.

Ni bwo hatabwaga muri yombi Gitifu Ntakobazangira Théogène, Nizeyimana Félix na Gatana Gérard ngo bajye kubisobanura neza, abasigaye bakazajya bahamagarwa igihe bakenewe.

Uwahaye amakuru Imvaho Nshya, yavuze ko bafatiwe mu Biro by'Umurenge wa Gikundamvura, ahari hatumijwe abantu batandukanye bafite aho bahuriye n'uwo mubiri.

Yavuze ko mu 2020 ubwo uwitwa Ntibaziyaremye Fabien, wakoraga inzira z'amazi mu rugo rwa Nizeyimana Félix wari wamuhaye akazi ngo inzu ye itazatwarwa n'ibiza, hari ahantu h'agakingo, akubise isuka abona hahurudutse ibice by'umubiri biguye mu ruhavu rw'inzira z'amazi yakoraga, asiza, bitari byose.

Ati: "Umugore wa Nizeyimana Félix yashyize ibyo bice mu gitenge cye abijyana mu nzu hamwe n'agace k'ijaketi nyakwigendera yishwe yambaye. Nizeyimana atashye, yaramutonganyije cyane amubaza uburyo afata igitenge gishyashya yamuguriye akagishyiramo uwo mubiri. Yawukuyemo awushyira mu gafuka gato, gashaje yari akuye mu nzu, ka gace k'ijaketi arakajugunya."

Ntakobazangira wari wahamagajwe aje kuwureba, afata agafuka ahita aragenda awujugunya mu bindi bintu mu cyumba cy'Ibiro by'Akagari araceceka.'

Ntibaziyaremye Fabien wari wahawe akazi na Nizeyimana Félix yahise akamburwa, nyir'ukuhatura aba ari we ukikomereza n'abana be, anatangira gusiza ngo yubake indi nzu, anazimangatanya ibimenyetso.

Mu muganda wo ku wa 26 Mata, barashakishije haboneka ibice bimwe ibindi bikomeza kubura, Nizeyimana Félix ntiyagira amakuru ayatanga,

Muri uko gushakisha hanabonetse agace k'ipantalo nyakwigendera yari yambaye,byatumye anamenyekana, kuko hahise hagaragara umutangabuhamya warokotse bari kumwe witwa Kambanda Oswald ubu utuye mu Bugarama.

Kambanda yagize ati: "Yari umusore w'imyaka 20 witwaga Muhawenimana Callyope n'iwabo barokokeye kuri Kiliziya ya Mibilizi, na bamwe mu bavandimwe be, batuye mu Mudugudu wa Mibilizi, Akagari ka Karemereye, Umurenge wa Gashonga."

Kambanda Oswald avuga ko baturukanye i Mibilizi ari 9 bamaze kubona abandi bahashiriye,bashaka kwambuka bajya i Burundi,baciye Gikundamvura, bageze mu Murenge wa Muganza interahamwe zicamo 5.

Yakomeje asobanura uko abasigaye bahunze, bakavumburwa n'Interahamwe, ariko Muhawenimana Callyope ntizimubone, noneho 3 zajyanye zibicamo 2, we arazicika.

Uwo musore Muhawenimana Callyope yaje kuvumburwa n'Interahamwe, zamuzerereranye, zimugeza ku kabari k'uwitwa Casimir kacururizagamo Borauzima wagaragaje ukuri kose kw'ibyahabereye, mu ma saa tatu z'ijoro, zibwira abanyweragamo bose gutaha hagasigara abakora irondo ryari riyobowe n'uwo Casimir, ririmo na Gatana Gérard nta wamenye igihe zamwiciye, zimujugunya mu murima wa Gatana Gérard wari ikigunda.

Byageze n'aho Gatana Gérerd, Borauzima na Casimir bafungwa barakatirwa, bakomeza kwinangira gutanga amakuru, Gatana umurima awuha umuhungu we awubakamo, n'aho ibice bimwe by'umubiri bibonekeye bigakekwa ko ibindi ari bo babihishe, Borauzima akaba atangiye gushyira ukuri ahagaragara ubu.

Imvaho Nshya yavuganye na mushiki wa nyakwigendera, witwa Mukandasumbwa Adrienne, yagize ati: "Kugeza ubu tubwiwe amakuru ye, ntitwari twarigeze tumenya irengero rye, intimba tuyimaranye imyaka 31. Hari igihe twajyaga twihumuriza twibwira ko yaba ariho, yabashije kugera i Burundi,ariko tugatekereza ko ataba ariho ngo abure kuba yaragarutse kureba niba hari akarokotse."

Yongeyeho ati: "Turasaba akarere kudufasha abo bavugwa,bazi amakuru bakaturangira ibyo bice bindi bibura, byakomeza kubura tugafatwa mu mugongo tugashyingura ibibonetse, ariko turacyashengurwa no kubona abafite amakuru bayahisha kugeza ubu.

Tukanasaba ko umuyobozi wadushinyaguriye amaza imyaka 5 musaza wacu mu Biro by'Akagari abibazwa."

Uhagarariye IBUKA mu Murenge wa Gikundamvura, Nkurunziza Emmamuel, asanga nabo bari ku irondo uwo musore akicwa bahari bakwiye gufatwa bakagaragaza ukuri bakomeje guhisha.

Ati: "Na bo nibafatwe, bagaragaze ukuri kuko binashoboka ko bafatanyije kumwica, ari yo mpamvu bamaze iyi myaka yose baracecetse."

Umuyobozi w'Akarere ka Rusizi, Sindayiheba Phanuel, avuga ko ikibazo bagikurikiranye kugeza aho kigeze ubu, banasuye umuryango w'uwabuze uwawo barawuhumuriza, ko n'igikorwa cyo gushyingura mu cyubahiro uwo mubiri kiri gutegurwa,kizakorwa muri iyi minsi 100 yo kwibuka.

Ku byerekeranye n'umuyobozi washyize uyu mubiri mu Biro by'Akagari ntatange amakuru, Sindayiheba avuga ko azakurikiranwa mu rwego rw'akazi kuko ntiyarangije inshingano ze. Ikindi hazakurikizwa itegeko itegeko rihana umuntu wese, udatanga amakuru, uwangiza cyangwa agahisha ibimenyetso bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umubiri uri mu Biro by'Umurenge wa Gikundamvura igihe hategerejwe kuwushyingura mu cyubahiro.



Ikiraro cyo mu kirere cyafashije abanyeshuri basibaga babuze amayira

# Nyagatare: Kiyombe Ikiraro cyatwaye miliyoni 150 cyabarinze kugwa mu mugezi

HITIMANA SERVAND

***Abaturage bo mu Tugari twa Karujumba Kabungo na Karambo two mu Murenge wa Kiyombe mu Karere ka Nyagatare barishimira ikiraro cyo mu kirere cyubatswe hejuru y'umugezi wa Ngoma, wabagoraga kwambuka, cyatwaye asaga miliyoni 150 z'amafaranga y'u Rwanda.***

Abo baturage bavuga ko icyo kiraro bubakiwe kirimo kubafasha koroshya ubuhahirane n'imigenderanire.

Ubundi ngo bajyaga bahura n'ingorane zo kwambuka uwo mugezi cyane mu gihe cy'imvura bikanatuma abanyeshuri basiba amasomo.

Tumwesigye Karambarire ati: "Twagorwaga no kwambuka tuva mu Kagali kacu tujya hakurya.

Ingorane zikomeye kandi zari ku bana bacu basibaga amashuri kuko ubusanzwe bacaga mu mazi. Ikindi ni uko umuntu yashoboraga gukenera ikintu hakurya ariko bikagusaba gukora ibilometero ujya kuzenguruka."

Yakomeje agira ati: "Twifuzaga kwambuka tubona wenda nta mazi menshi arimo ariko wagira ibyago ukarohama. Inaha dutuye mu misozi ku buryo aho wari usanzwe ufite inzira iyo yangiritse cyangwa kuhaca bidakunda biragorana kuba wabona ahandi.

Sindikubwabo Felicien yavuze ko kimwe na bagenzi be bafite abanyeshuri basabwaga kwambuka uyu mugezi byari ingorabahizi çyane ku bana bakiri bato, aho byasabaga ko babaherekeza bakabambutsa.

Yagize ati: "Twicaga imirimo twagombye kuzindukiramo tukabanza kuza kwambutsa Abana bakiri bato kuko hari igihe bagwagamo mu bihe by'imvura nyinshi abenshi bahagarikaga kujya kwiga kuko Ngoma yabaga yuzuye bashobora kurohama. Uyu munsi turashima ubuyobozi buduhaye inzira ifite umutekano irafasha abana bacu ntibatakaze amasomo ariko bikanadufasha mu mikorere yacu ya buri munsi."

Musoni John Yavuze ko aho ikiraro cyubakiwe basigaye biga neza badasiba.

Ati: "Kuva ikiraro cyakubakwa ntiturongera gusiba ishuri kuko inzira ni nyabagendwa kandi turashimira Leta ihora ishyira umutarage ku isonga, agakemurirwa ibibazo yahuraga nabyo."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare, wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu Matsiko Gonzague, ashima abagira uruhare mu gukura abaturage mu bibazo, agasaba kandi abaturage bahabwa ibikorwa remezo nk'ibi kubirinda no kibyitaho kugira ngo bikomeze kubafasha mu guteza imbere imibereho yabo.

Yagize ati: "Turashimira n'umufatanyabikorwa wadufashije kubaka iki kiraro, bigatanga igisubizo ku mbogamizi abaturage bari bafite. Abagenerwabikorwa bakwiye kugifata neza kugira ngo hatagira ucyangiza bakazadusubiza muri bya bibazo. Imivugo ibe ingiro ntihazagire usenya bareba."

Mu Karere ka Nyagatare butangaza hamaze kubakwa ibiraro byo mu kirere 5, birimo bine byubatswe ku mugezi w'Umuvumba hagamijwe gufasha abaturage kubona uko bagenderana ndetse babone n'aho banyuza ibyo bahinga n'ibyo bagura mu masoko.

# Musanze: Gataraga bamaze imyaka 7 basiragira ku ngurane z'ibyabo byangijwe mu ikorwa ry'umuhanda

NGABOYABAHIZI PROTAIS

***Abaturage bo mu murenge wa Gataraga Akarere ka Musanze, bavuga ko bamaze imyaja 7 yose basiragira ku ngurane z'imitungo yabo yangijwe mu gihe hakorwaga umuhanda Kinigi –Kabuhanga, bakaba bifuza ko bakwishyurwa .***

Aba baturage bavuga ko ubwo hakorwaga umuhanda Kinigi –Kabuhanga harimo abangirijwe amashyamba , imyaka inzu n'ibindi ariko ngo kuva muri 2017 kugeza ubu ntangurane barahabwa kandi ngo imitungo yabo yarabaruwe, ibintu basangamo kurangaranwa n'inzogo bireba.

Umwe mu baturage yagize ati: "Kugeza ubu hashize imyaka 7 twishyuza ibyacu byangijwe mu ikorwa ry'umuhanda kuva muri 2017, baratubariye ariko kutwishyura ni cyo cyabaye ikibazo nkanjye nandikiye ubuyobozi bw'akarere kugera ku ntara ariko nta kutwishyura, nkanjye bandimo ibihumbi 360, kuba ntayahabwa rero binteza igihombo".

Uwitwa Bazambanzayagize ati: "Ubundi bari batubwiye ngo amafaranga yacu yaraje ari kuri SACCO ya Gataraga, tugezeyo dusanga amafaranga atari yahagera tuguma mu rungabangabo gutyo, twifuza ko twakwishyurwa amafaranga y'imitungo hyacu yangijwe, kandi noneho ibiciro bigasubirwamo bigendeye ku isoko ririho iki gihe kuko ibiciro byarazamutse".

Ntabwo ari aba gusa batishyuwe amafaranga kandi barabariwe imitungo yabo kuko hari n'abandi ngo batigeza babarurirwa imitungo yabo yangiritse nyuma mu gihe imashini zakoraga umuhanda nk'inzu zasigaye ku manegeka bitewe n'imashini, aba nabo bakaba bifuza kubarurirwa imitungo.

Umuyobozi w'akarere ka Musanze Nsengimana Claudien, avuga ko iki ,ibazo bakizi ndetse barimo kugikurikirana kugira ngo aba baturage babe bakwishyurwa ibyabo byangijwe, ariko abifuza kubarirwa imitungo yabo kuri ubu ngo harimo ibigishidikanywaho.

Yagize ati: "Ikibazo turakizi twoherejeyo abo bireba mu nshingano zabo kugira ngo barebe impamvu batishyurwa, ikindi rero abavuga ko babarurirwa imitungo yabo nyuma y'imyaka 7 nabyo tuzajya kubireba koko turebe niba muri iyi myaka 7 ibyabo byangiritse byaratewe n'ikorwa ry'umuhanda Kinigi-Kabuhanga".

Abaturage bishyuza ibyabo bavuga ko bagera kuri 104, bakaba bavuga ko uko bagiye bakerwa kwishyurwa byadindije iterambere ryabo .



Abaturage barakishyuza ingurane y'ahanyujijwe umuyoboro w'amashanyarazi





## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MU BIKORWA ICYEMEZO CY'URUKIKO NO **RS/RECT/RC 00067/2024/TB/GSBO na RC 00818/2022/TB/GSBO RWO KUWA 26/07/2024** KUGIRANGO MUKANYANDWI Clarisse agabane mu buryo bungana umutungo ufite UPI:1/02/11/03/3016.

UMUHESHA W'INKIKO Me NGENDAHAYO JEAN D'AMOUR ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA IMITUNGO IGIZWE N'UBUTAKA BWUBATSWEMO INZU.

**IMBONERAHAMWE YEREKANA IMITUNGO IGURISHWA:**

| No | UPI | AHO UBUTAKA BUHEREREYE | UBUSO BW' ICYUMBA | IGICIRO FATIZO | 5% INGWATE Y'IPIGANWA |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | 1/02/11/03/3016u butaka bwubatswemo inzu | Umudugudu:GITARAGA Akagari:KIBENGA Umurenge:NDERA Akarere: GASABO | 3191(SQM) | 17,947,000Frw | 897,350Frw |

**INGENGABIHE YA CYAMUNARA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/UKWEZI CYAMUNARA IZABERAHO | ISAHA YO GUTANGAZA UWATSINZE |
|---|---|---|
| INSHURO 1 | KUVA KUWA **13/05/2025** KUGEZA 20/05/**2025** | SAA MOYA (7H00) |
| INSHURO2 | KUVA KUWA 22/05/2025 KUGEZA 29/05/2025 | SAA MOYA(7H00) |
| INSHURO 3 | KUVA KUWA **31/05/2025** KUGEZA 07/06/**2025** | SAA MOYA (7H00) |

- CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA IPIGANWA RIZAKORERWA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW. ABIFUZA GUPIGANWA BAGOMBA KUBANZA KWISHYURA AMAFARANGA Y'INGWATE Y'IPIGANWA ANGANA NA 5%

1. KWISHYURA INGWATE KU ISHAMI RYA BANK YA KIGALI( BK): UGOMBA KWITWAZA NUMERO YO KWISHYURIRAHO INGWATE WASABIYE MURI SYSTEME YA CYAMUNARA "SABA KWISHYURA HAKORESHEJWE URUBUTO PAY "
2. KWISHYURA INGWATE UKORESHEJE IKORANABUHANGA: KWISHYURA UKORESHEJE MOBILE MONEY CYANGWA IKARITA YA BANK BIKORWA IMBERE MURI SISITEMU UGAKURIKIZA AMABWIRIZA TURABASABA KUBIKURIKIZA KUGIRA NGO MUHABWE SERIVISE INOZE

- GUSURA UMUTUNGO NI BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI KUVA SAA MBILI ZA MUGITONDO (8H00'AM) KUGEZA SAA KUMI ZA NIMUGOROBA (16H00'PM ) AMAFARANGA AZISHURWA KURI NKONTI NO 4410875795 BPR IRI MU MAZINA YA NGENDAHAYO JEAN D,AMOUR

**BIKOREWE I KIGALI, KUWA 05/05/ 2025**

**UMUHESHA W'INKIKO W'UMWUGA**
**Me NGENDAHAYO Jean d'Amour**

## ITANGAZO RY'ISOKO

**REPUBLIC OF RWANDA**

**MINISTRY OF HEALTH**
**KIGALI CITY**
**GASABO DISTRICT**
**JALI SECTOR**
**KIBAGABAGA HOSPITAL**
**GIHOGWE HEALTH CENTER**
**E-mail: centredesantegihogwe@yahoo.fr**
**Contact: +250 785611169**

**TENDER NOTICE**

Gihogwe Health Center invites eligible, competent and qualified bidders to the following tenders in the table below:

| N° | Reference No | Title of the tender | Tender document cost | Visite |
|---|---|---|---|---|
| 1 | N°01/GHW/ HC/2025 | .Renovation of the maternity and patient care building .Repair,Construction and maintenance of buildings and electrical and water works | 10,000 Frw | Obligatory |

These tenders are open to all interested and qualified Firms, individuals or Enterprises specialized in the field of the tender chosen with valid and relevant trading license to trade in the Republic of Rwanda.

The Tender Documents in English for Provision of office stationaries and Kinyarwanda for 2 other tenders will be available and obtained at Gihogwe Health Center office right on any working day from **30/04/2025** during working hours (from 07:00 Am to 05:00 pm) upon presentation of a prepaid bank slip of a non-refundable tender document fee mentioned above deposited to the Account No. 425250738910141 *entitled* **"Fonctionnement Centre de Santé Gihogwe"** opened in **"Banque Populaire du Rwanda".**

Well printed bids in English or Kinyarwanda properly bound presented in three copies including the original, must be deposited in the Secretariat/Accountant office of Gihogwe Health Center in sealed envelopes not later than **20/05/2025** at **09H00 A.M** prompt local time and will be opened the same day **on 20/05/2025 at 09 H30 A.M** in Gihogwe Health Center meeting room in presence of bidders or their representative who choose to attend. **Late bids will be rejected un –opened.**

**Done at Gihogwe,on April 30th,2025**

**KAZUMPIRE Jeanne Francisca Chantal**

**Head of Gihogwe Health Center**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

**REPUBLIC OF RWANDA**

**DIRECTORATE GENERAL OF**
**IMMIGRATION AND EMIGRATION**
**P.O. BOX 6229 KIGALI**

Tender Notice (TN) / Invitation for Bids (IFB)

**CLIENT:** DIRECTORATE GENERAL OF IMMIGRATION AND EMIGRATION

**TITLE:** FRAMEWORK AGREEMENT FOR THE SUPPLY OF UNIFORMS FOR A PERIOD OF ONE YEAR

**SOURCE OF FUNDING:** ORDINARY BUDGET

**TENDER DOCUMENT** : № 550/NCB/G/DGIE/24/25

The Directorate General of Immigration and Emigration invites qualified bidders to submit bids for the SUPPLY OF UNIFORMS FOR A PERIOD OF ONE YEAR as indicated in the statement of requirements.

Tender documents in English may be obtained from the secretariat of Directorate General of Immigration and Emigration from 12th May 2025 at 14h00 upon presentation of proof of payment of a non-refundable fee of **RWF 10,000 (Ten Thousand Rwandan Francs)** on RRA Account number in any commercial bank operating in Rwanda. The proof of payment must bear the following mention: "Purchasing of tender document **550/NCB/G/DGI&E/24/25** for the supply of uniforms for a period of one year.

All bids must be accompanied by a "Bid guarantee" equivalent to 2% of the total cost issued by a bank or an insurance company that operates from Rwandan territory.

Well printed bids, properly bound and presented in four copies, one of which is the original, must reach the secretariat of the Directorate General of Immigration and Emigration at the address mentioned above not later than **12th June 2025** at **14:00 pm**. Late bids will be rejected. Bids will be opened in the presence of bidders or their representatives who choose to attend in the DGIE Board Room on **12th June 2025** at **14:30 pm**. The outer envelopes should clearly indicate the tender reference number 550/NCB/G/DGI&E/24/25 and the title of the Bid of **FRAMEWORK AGREEMENT FOR THE SUPPLY OF UNIFORMS FOR A PERIOD OF ONE YEAR.**

Bidding will be conducted in accordance with Law N° 12/2007 of 27/03/2007 on Public Procurement the law n°5/2013 of 13/02/2013 modifying and completing the law no 12/2007 of 27/03/2007 on public procurement and ministerial order nº l'am n0.001/14/10/tc of 19/02/2014 establishing regulations on public procurement, standard bidding documents and standard contracts. law no 62/2018 of 25/08/2018 establishing regulations on public procurement, standard bidding documents and standard contracts.

TENDER N° 550/NCB/G/DGI&E/24/25

Done at Kigali, on 08th May 2025

**Melody TWAHIRWA**
**Ag. Chief Budget Manager**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

NATIONAL POST OFFICE

IPOSITA

E-mail : info@i-posita.rw
Website : www.i-posita.rw
Cell Phone Number: + 250 783626253

Kigali, on ....

Our ref N° .../NPO/05/025/DG

**INVITATION TO BID**

The National Post Office (NPO) invites sealed bids from eligible and qualified bidders for the provision of goods and services for the tenders mentioned in the table below:

| S/N | Title of tender | Tender Number | *Deadline for submission* | Time and Date of Bids opening |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Acquisition of Office Supplies | N°20/2025/NPO | 28th May 2025 at 11:00 am prompt local time | 28th May 2025 at 11:30 am prompt local time |
| 2 | Execution of Court Judgment and Decision | N°21/2025/NPO | 28th May 2025 at 11:00 am prompt local time | 28th May 2025 at 11:30 am prompt local time |

The participation in the competition is open to all persons or companies who are specialized in the domain.

The tender documents can be obtained from the Office of the Procurement Officer of the National Post Office located at Muhima Tel.: +250 788464593 from **May 6, 2025**, during working hours upon presentation of proof of payment of non-refundable amount equal to Ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000), on the account N° **00040-00045362-96** of the National Post Office opened at Bank of Kigali **(BK).**

The date for submission is mentioned in the table above.

Tenders will be submitted to the Director General of the National Post Office on the dates and time mentioned in the table above.

Late bids will be rejected. The bids opening session will take place at National Post Office Board room in the presence of bidders or their representatives.

KAYITARE Célestin
Director General

Twitter.com/iposita_rwanda
Facebook.com/iposita.npo
EMS RWANDA - EXPRESS
Mail - Parcel Express Service
Compte Chèques Postaux
Crédit et Epargne
Money transfer - Forex

**For Payment** : *Account №* **00040-00045362-96 (BK)** *Account name* : **National Post Office**

# Ngendahayo Nick agiye kongera gutaramira Abanyarwanda

**Muteterazina Shifah**

Nyuma y'imyaka irenga 15 atari mu Rwanda, umuhanzi w'indirimbo zo kuramya no guhimbaza Imana, Richard Nick Ngendahayo, agiye kongera gutaramira Abanyarwanda mu gitaramo cyiswe 'Niwe healing concert'.

Ni igitaramo cyateguwe na kompanyi isanzwe itegura ibitaramo 'Fill the gap' ivuga ko bahisemo uyu muhanzi kubera ko ari umwe mu bahanzi bakuru mu ndirimbo zo ghimbaza no kuramya Imana kandi ufite indirimbo zakunzwe kugeza n'uyu munsi.

Mu kiganiro cyahuje abahagarariye iyo kompanyi n'itangazamakuru ku ya 09 Gicurasi 2025, batangaje ko kuzana uyu muhanzi byahuye no gushaka kw'Imana nkuko Natasha Haguma wari mu bayihagarariye yabitangaje.

Yagize ati: "Hano mu Rwanda hari benshi bagerageje kumuzana ariko bikanga, kubera ko akorera mu gihe Imana yabyemeye, twagiriwe amahirwe yo kubimusaba ari mu gihe Imana ibimwemereye.

Agaruka ku mpamvu kuri iyi nshuro iyo kompanyi yahisemo gukorana na Richard Nick Ngendahimana, Natasha yavuze ko barebye umuramyi ukunzwe kandi ukumbuwe kubera ko hari n'abakunda indirimbo ze banazumva batamuzi.

Ati: "Icya mbere Richard Nick Ngendahayo akunzwe n'abakuru abato, abakomeye n'aboroheje kuva kera.

Nubwo hashize imyaka 15 adataramira Abanyarwanda, ariko ntabwo indirimbo ze zijya



Ngendahayo Richard Nick ari mu bahanzi bakunzwe cyane mu muziki uhimbaza Imana kuva mu myaka yo hambere

zibagirana, abenshi bakaba bazizi ariko batazi uwaziririmbye, twararebye kandi turibaza ni nde muramyi Abanyarwanda banyotewe ni uko twamwegereye."

Ni igitaramo bavuga ko yahisemo ku cyita 'Niwe 'Healing Concert' kubera ko indirimbo ze nyinshi zibanda cyane ku isanamitima nk'uko byakunzwe kugarukwaho na benshi.

Biteganyijwe ko kizaba tariki 23 Kanama 2025, kikabera muri BK Arena, akazafatanya n'abaramyi batandukanye bakunzwe mu Rwanda.

Ni igitaramo kizahuzwa n'igikorwa cyo gusogongeza no kumurikira abakunzi be Album ye ya gatatu, aho yatangiye gushyira hanze ibihangano biyigize ahereye ku ndirimbo yise 'Uri Byose Nkeneye' yagiye ahagaragara tariki ya 22 Mata 2025.

Richard Nick Ngendahayo azwi cyane mu ndirimbo nka Niwe, Sumuhemu, Mbwira ibyo ushaka, Ijwi rinyongorera, Wemere ngushime n'izindi nyinshi.

# P Diddy ashobora gushinja ihohotera uwahoze ari umukunzi we

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuraperi Sean Combs uzwi nka Puff Daddy (P'Diddy), ari mu mugambi wo kugaragaza ko Cassie Ventura wahoze ari umukunzi we, yajyaga amuhohotera, ko ibyabaye byose bari bibiziranyeho kandi banabyumvikanyeho.***

Ikinyamakuru Pagesix kivuga ko mu rwego rwo kwirwanaho, abunganira P'Diddy mu mategeko bateganya kugaragaza ko umubano we na Cassie, wari urimo urugomo ku mpande zombi.

Bivugwa bizakorwa mu rwego rwo kwambura Cassie icyizere nk'umwe mu batangabuhamya b'ingenzi ku ruhande rw'ubushinjacyaha.


Cassie yamenyekanye mu muziki kuva mu 2005, ubwo yashyirwaga muri Label yitwa 'Bad Boy Records' ya P. Diddy, yatanze ikirego mu 2023 ashinja uyu muraperi kumufata ku ngufu, kumukubita no kumuhatira gukora imibonano mpuzabitsina n'abandi bantu mu gihe cy'imyaka irenga icumi.

Nubwo icyo kirego cyakuweho mu buryo bw'ubwumvikane nyuma y'umunsi umwe, amashusho yo mu 2016 agaragaza P Diddy akubita Ventura mu cyumba cya hoteli yaje gushyirwa ahagaragara, bikomeza guteza impaka n'uburakari mu bantu, bituma cyongera kuzuka.

Ubushinjacyaha buvuga ko P Diddy yahatiraga abantu gukora imibonano mpuzabitsina, akabikora abifashijwemo n'abakozi be n'abandi bantu bo mu muryango we.

Buvuga kandi ko yakoresheje iterabwoba, gukubita no gushimuta abantu kugira ngo abagenzure.

Nubwo yigeze gusaba imbabazi ku byabaye mu 2016, abamwunganira mu mategeko bavuga ko



Ibyaha bishinjwa P Diddy byongeye kuburwa nyuma y'amashusho akubita Ventura

amashusho atari ibimenyetso bihagije by'ibyaha aregwa.

Urubanza rushobora kumara ibyumweru umunani, kandi naramuka ahamijwe ibyaha, ashobora guhanishwa igifungo cya burundu.

P Diddy n'abamwunganira mu mategeko bahinduye umuvuno nyuma y'uko mu minsi ishize aherutse kujya aburana atambaye impuzankano y'imfungwa.

P Diddy arimo kwitegura urubanza rukomeye rutangira kuri uyu wa 12 Gicurasi 2025, aho ashinjwa ibyaha birimo gucuruza abantu bagakoreshwa imibonano mpuzabitsina, gukoresha abantu imibonano mpuzabitsina ku gahato n'ibindi byaha bifitanye isano n'ubugizi bwa nabi.





# APR FC yatsinze Amagaju FC isubira ku mwanya wa mbere

**SHEMA Ivan**

***APR FC yatsinze Amagaju FC ibitego 3-1 mu mukino w'umunsi wa 27 wa Shampiyona, isubira ku mwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa shampiyona.***

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo ku wa Gatandatu tariki ya 10 Gicurasi 2025, kuri Kigali Pele Stadium.

APR FC yagiye gukina uyu mukino isabwa gutsinda kugira ngo yongere yisubize umwanya wa mbere kuko yarushwaga inota rimwe na Rayon Sports ya mbere.

Ku rundi ruhande Amagaju FC na yo yasabwaga gutsinda kugira ngo igabanye ibyago byo kumanuka mu cyiciro cya kabiri.

APR FC yatangiye umukino isatira izamu rya Amagaju FC harimo uburyo bwiza ku mupira Ouattara yahaye Lamine Bah ateye ishoti ari inyuma



APR FC yatsinze Amagaju FC isubirana umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa Shampiyona

gato y'urubuga rw'amahina, umupira ukora kuri myugariro w'Amagaju FC ujya hejuru.

Ku munota wa 13, APR FC yafunguye ku gitego cyatsinzwe na Rutahizamu Djibril Ouattara n'umutwe ku mupira wari uhinduwe na Ruboneka Jean Bosco.

Uyu Rutahizamu yuzuzaga ibitego icyenda muri Shampiyona y'u Rwanda.

Nyuma yo gutsindwa igitego Amagaju FC yafunguye umukino atangira asatira izamu ashaka igitego cyo kwishyura ari nako APR FC na yo iri gusatira ishaka igitego cya kabiri.

Ku munota wa 39, APR FC yahushije uburyo bwabazwe bwo gutsinda igitego cya kabiri ku mupira Djibril Ouattara gutera ufatwa n'umunyezamu Twagirumukiza Clement.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC iyoboye umukino n'igitego 1-0.

Mu igice cya kabiri, Ikipe y'ingabo yakomeje gusatira ishaka igitego cya kabiri harimo umupira Mugisha Gilbert yahaye Niyomugabo, na we awuhindura mu rubuga rw'amahina, Ouattara awuteye n'umutwe ujya hejuru y'izamu gato.

Ku munota wa 60, APR FC yabonye penaliti nyuma y'uko myugariro wa Amagaju FC, Bizimana Ipthi Hadji akoze umupira n'ukuboko.

Iyi penaliti yinjijwe neza na Denis Omedi wuzuzaga ibitego bitanu muri Shampiyona.

Nyuma yo gutsindwa ibitego bibiri, Amagaju FC yakomeje gusatira ishaka kwishyura kimwe muri biri.

Ku munota wa 85, Amagaju FC yishyuye igitego cyatsinzwe na Ndayishimiye Edouard ku mupira wahinduwe wari uvuye ku ruhande rw'ibumoso ashyira umupira mu rushundura.

Ku munota wa 90+4 Mugiraneza Frodouard winjiye mu kibuga asimbuye yatsindiye APR FC igitego cya gatatu ku mupira mwiza yahawe ari mu rubuga rw'amahina na Hakim Kiwanuka awushyira mu izamu.

Umukino warangiye APR FC yatsinze Amagaju FC ibitego 3-1.

APR FC yafashe umwanya wa mbere n'amanota 58 irusha Rayon Sports ya kabiri amanota abiri mbere y'uko ikina na Police FC ku Cyumweru.

# Amavubi y'Abangavu yatsinze Zimbabwe mu gushaka itike y'Igikombe cy'Isi



Ikipe y'Igihugu Amavubi y'abagore batarengeje imyaka 20 babonye itike y'Igikombe cy'Isi

**SHEMA Ivan**

***kipe y'Igihugu y'u Rwanda y'abakobwa y'abatarengeje imyaka 20 yatsinze iya Zimbabwe ibitego 2-1, mu mukino ubanza w'ijonjora ry'ibanze ryo gushaka itike y'Igikombe cy'Isi cya 2026.***

Uyu mukino wabaye ku Cyumweru tariki ya 11 Gicurasi 2025, kuri Kigali Pele Stadium.

Ikipe y'Igihugu y'u Rwanda yatangiye umukino iri hejuru ndetse bidatinze ku munota wa 3 gusa ifungura amazamu kuri Coup Franc, Ishimwe Darlene ashyiraho umutwe umupira ujya mu izamu.

Amavubi yakomeje gusatira ndetse binashoboka ko yabona igitego cya 2 aho uwitwa Gikundiro yazamutse acenga neza yinjira mu rubuga rw'amahina asigaranye n'umunyezamu ariko arekuye ishoti rinyura hepfo y'izamu gato cyane.

Ku munota wa 19, Zimbabwe na yo yaje kwishyura kuri kufura yari itewe neza na Bethel Kondo iragenda ijya mu izamu nyuma yuko abakinnyi b'Amavubi bari bari kurukuta bananiwe gukuraho umupira.

Uko iminota yagendaga wabonaga abakinnyi bo ku mpande zombi imbaraga zigabanyuka umupira ukinirwa hagati cyane.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1

Mu gice cya kabiri, u Rwanda rwagarukanye imbaraga maze ku munota wa 58 Gisubizo Claudette atsinda igitego cya kabiri.

Zimbabwe yagerageje gukora impinduka mu kibuga ishaka uko yakwishyura gusa biranga byanze.

Umukino wo warangiye Amavubi u 20 yatsinze Zimbabwe ibitego 211 mu mukino wo gushaka itike y'igikombe cy'Isi.

Umukino wo kwishyura uteganyijwe ku wa gatatu tariki ya 14 Gicurasi 2025, kuri Kigali Pele Stadium.

Ikipe izakomeza hagati y'u Rwanda na Zimbabwe izahura na Nigeria mu ijonjora rya kabiri.

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-12 TARIKI 06- 12 Gicurasi 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Rayon Sports yatsinze Police FC yisubiza umwanya wa mbere

***Rayon Sports y'abakinnyi 10 yatsinze Police FC igitego 1-0 mu mukino w'umunsi wa 27 wa Shampiyona, yisubiza umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa shampiyona.***

Uyu mukino wabaye ku mugoroba wo kuri uyu iki Cyumweru tariki ya 11 Gicurasi 2025, Kuri Kigali Pele Stadium.

Rayon Sports yagiye gukina uyu mukino isabwa gutsinda igasubira ku mwanya wa mbere, mu gihe Police FC yifuzaga gushimangira umwanya wa kane.

Umukino watangiye ugenda gahoro amakipe yombi akinira cyane mu kibuga hagati.

Ku munota wa 24, Mugisha Didier wa Police FC yacenze Hakim Bugingo, Niyonzima Olivier 'Seif' aratabara, ashyira umupira muri koruneri itagize icyo itanga.

Nyuma y'iminota itatu, Rayon Sports yasubije ku mupira Bassane yinjiranye umupira anyuze kuri Msanga na Christian, awuteye mu izamu ukurwaho na Chimeze ujya muri koruneri.

Ku munota wa 41, Police FC yabonye uburyo bwiza bwo gufungura amazamu ku mupira Ani Elijah yahaye asubije Mugisha Didier ateye ishoti rikomeye rifata urushundura rutoya rwo hasi.




**Abakinnyi ba Rayon Sports bishimira igitego cya Ishimwe Kevin yatanze amanota atatu y'ingezi**

Igice cya mbere cyarangiye amakipe anganyije ubusa ku busa.

Mu igice cya kabiri, Rayon Sports yatangiranye impinduka Ishimwe Fiston asimbura Biramahire Abeddy.

Ku munota wa 51, Aziz Bassane wa Rayon Sports yasabye Penaliti nyuma yo kugwa mu rubuga rw'amahina akuweho umupira na Ishimwe Christian, umusifuzi Nsabimana Celestin avuga ko nta kosa ryabaye.

Rayon Sports yakinaga neza muri iyo minota yahushije uburyo bw'igitego ku mupira Muhire Kevin yatwaye Mandela, awuhinduye usanga Rukundo Abdul ateye ishoti rifashe inshundura ntoya.

Ku munota wa 66, Rayon Sports yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Ishimwe Fiston ku mupira yahawe Nshimiyimana Emmanuel "Kabage" uwutsindisha umutwe.

Ku munota wa 78, Rukundo Abdul wa Rayon Sports yahawe ikarita ya kabiri y'umuhondo nyuma yo gukubita Ndizeye Samuel umugeri ku mutwe.

Iminota 10 ya nyuma Police FC yasatiriye izamu rya Rayon Sports y'abakinnyi 10 ishaka igitego kwishyura.

**Ku rundi ruhande, Rayon Sports yari yasubiye inyuma kugarira.**

Mbere y'uko umukino urangira Umusifuzi wa Kane yongeyeho iminota ine y'inyongera.

Police FC yakomeje gusatira ndetse ku munota 90+2' Richard Kilongozi yibwiye ko yishyuriye ikipe ye, umupira ukurwamo na Omar Gning wageze mu izamu, abasifuzi barareka umukino urakomeza.

Umukino warangiye Rayon Sports itsinze Police FC igitego 1-0, yisubiza umwanya wa mbere ku rutonde rw'agateganyo rwa shampiyona n'amanota 59 irusha APR FC ya kabiri inota rimwe.

**Police FC yagumye ku mwanya wa Kane n'amanota 40.**

Undi mukino wabaye kuri iki Cyumweru ni uwo Muhazi United yabonye amanota atatu y'ingenzi mu rugamba rwo kuguma mu Cyiciro cya Mbere, itsinda Rutsiro FC ibitego 2-1 kuri Stade Umuganda mu Karere ka Rubavu.